
# Imvaho Nshya


*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

Nº. E-78 27 UKWAKIRA - 1 UGUSHYINGO 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw





AMAKURU
U Rwanda rwiteguye kuba intangarugero mu gukoresha 'AI' mu byiza

2

AMAKURU
U Rwanda rwashimangiye ko rwiteguye kubahiriza Amasezerano ya Washington

8

AMAKURU
Amatora: Abagore n'abafite ubumuga bishimira ijambo bahawe mu nzego zifata ibyemezo

10

MU NTARA
Nyakinama: Abofisiye 76 basoje amahugurwa abongerera ubushobozi bwo kuyobora ingabo

20-21


# Perezida Kagame na Faye wa Sénégal baganiriye ku bufatanye

**SHEMA Ivan**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yagiranye ibiganiro na mugenzi we wa Sénégal, Bassirou Diomaye Faye byibanze ku bibazo byo mu Karere no ku rwego mpuzamahanga, ubufatanye bw'ibihugu byombi mu nzego z'ingenzi ndetse n'uruhare rwa Afurika mu kwakira amarushanwa akomeye ya siporo.***


Ibi biganiro byabereye i Dakar muri Senegal ku Cyumweru, tariki ya 1 Ugushyingo 2026, nk'uko byatangajwe n'Ibiro by'Umukuru w'Igihugu, Village Urugwiro.

Itangazo rigira riti: "Perezida Kagame yabonanye na mugenzi we wa Sénégal Bassirou Diomaye Faye, i Dakar. ibiganiro byabo byibanze ku bibazo byo mu Karere no ku rwego mpuzamahanga, inzego z'ingenzi z'ubufatanye hagati y'u Rwanda na Sénégal ndetse n'uruhare rugenda rwiyongera rwa Afurika mu gutegura no kwakira amarushanwa akomeye ya siporo.

Nyuma y'ibi biganiro, Perezida Faye yaherekeje Perezida Kagame ku Kibuga cy'Indege cya Léopold Sédar Senghor, ubwo yari asoje uruzinduko rwe muri Sénégal.

Perezida Kagame yari yitabiriye umuhango wo gutangiza Imikino Olempike y'Urubyiruko ya Dakar 2026, ibereye bwa mbere ku Mugabane wa Afurika.

KOMEZA KU RUP.3



**Perezida Paul Kagame na mugenzi we Faye baganiriye ku bufatanye burimo iterambere rya Siporo**

**IMVAHO NSHYA**

## Brazzaville: U Rwanda rwibukije Isi inshingano zayo mu gukumira Jenoside

***Ambasaderi w'u Rwanda muri Repubulika ya Congo, Parfait Busabizwa, yibukije Umuryango Mpuzamahanga ko ufite inshingano zo gukumira Jenoside, ashimangira ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kurwanya ingengabitekerezo yayo bitareba Abanyarwanda gusa, ahubwo ari inshingano z'abantu bose.***

Yabigarutseho ku wa Gatanu, tariki ya 30 Ukwakira 2026, mu nama nyunguranabitekerezo yateguwe na Ambasade y'u Rwanda muri Repubulika ya Congo, yari igamije kurushaho kwigisha no gusobanurira amahanga cyane cyane urubyiruko rwavukiye muri Repubulika ya Congo, amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kungurana ibitekerezo ku ngamba zo gukumira ko Jenoside yakongera kubaho.

Iyo nama yari ifite insang-

KOMEZA KU RUP.3

# U Rwanda rwiteguye kuba intangarugero mu gukoresha ‘AI’ mu byiza



Perezida Paul Kagame ahamya ko u Rwanda rwiteguye gukoresha neza ‘AI’ mu byiza

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika, Paul Kagame yagaragaje ko u Rwanda rwiteguye kuba intangarugero mu kubyaza umusaruro mwiza ikoreshwa ry’Ikoranabuhanga ry’Ubwenge Buhangano (AI) mu kubaka ahazaza harushijeho kuba heza, ku buryo urwo rugero rw’ibyo ruzubaka ruzaba isomo ku bindi bihugu bya Afurika no ku yindi migabane.***

Perezida Kagame yabikomojeho ku itariki ya 28 Ukwakira 2026, ubwo yitabiraga inama ya kabiri ya Komisiyo Mpuzamahanga ishinzwe guteza imbere ikoreshwa ry’ikoranabuhanga ry’ubwenge buhangano (AI) mu byiza.

Iyo nama yabaye hifashishijwe ikoranabuhanga, yanitabiriwe na Marc Benioff bafatanyije kuyobora iyo Komisiyo akaba n’Umuyobozi Mukuru n’Umwe mu Bashinze ikigo cya Salesforce; Doreen Bogdan-Martin, Visi Perezida w’iyo Komisiyo akaba n’Umunyamabanga Mukuru w’Umuryango Mpuzamahanga w’Itumanaho (ITU) n’abandi bayobozi.

Mu butumwa bwe, Perezida Kagame yabanje gushima uruhare rwa buri wese ukomeje gutanga umusanzu we kugira ngo iyo Komisiyo yashinzwe ku ya 8 Nyakanga 2026 ikomeze guharanira kugera ku ntego yashyiriweho zirimo guharanira ko ikoranabuhanga rya AI rikoreshwa n’abatuye Isi yose mu byiza, ku buryo inyungu zaryo zigera kuri buri wese nta n’umwe usigaye inyuma.

Perezida Kagame yashimangiye ko kugira ngo ikoranabuhanga ry’ubwenge buhangano (AI) rigire akamaro ku bantu bose, hakenewe ko buri wese agira uruhare mu gutanga ibitekerezo no mu gufata ibyemezo bigena uko rizakoreshwa mu gihe kiri imbere.

Ati: “Inyungu z’Ubwenge Buhangano zizagenda ziyongera uko igihe gihita, mu gihe twese tuzaba dufite ijambo mu kugena ahazaza h’iri koranabuhanga rishya. Inshingano zacu nka Komisiyo ni ugukomeza kwibaza ibibazo bikomeye no gutanga igihe, ubumenyi n’ubushobozi dufite mu gushaka ibisubizo bifatika.”

Yagaragaje ko ari ngombwa gukomeza kugenzura no gusuzuma ibibazo n’amahirwe bijyana n’ikoreshwa ry’Ubwenge Buhangano, hagamijwe kureba uko bwakoreshwa mu guteza imbere imibereho y’abaturage no kuzamura ubukungu bw’ibihugu.

Aho ni ho yagarutse ku ntego u Rwanda rwihaye agira ati: “U Rwanda rwiteguye kuba intangarugero mu bizakorwa muri Komisiyo iteza imbere ikoreshwa rya AI mu byiza, aho imwe mu mishinga yacu nk’Igihugu ishobora kuzimurirwa n’ahandi.”

Inama ya Komisiyo yibanze ku gusuzuma intambwe imaze guterwa kuva yashingwa mu mezi atatu ashize, ndetse no kuganira ku zindi ngamba zigamije kureba ko ikoranabuhanga AI yarushaho gutanga inyungu z’ubukungu n’imibereho myiza zisangiwe n’abantu bo hirya no hino ku Isi.

Ikoranabuhanga ry’Ubwenge Buhangano rikomeje kugaragara nk’irifite uruhare rukomeye mu mpinduka z’ubukungu n’imibereho y’abantu, binyuze mu kunoza imikorere, kongera umusaruro no gufasha mu gushaka ibisubizo by’ibibazo bitandukanye. Icyakora, kugira ngo inyungu zabwo zigere kuri benshi, birasaba ko hafatwa ingamba zinoze zo kuyobora ikoreshwa ryabwo no guharanira ko abantu bo mu byiciro bitandukanye bagira uruhare mu kubugena.

Iyi Komisiyo ya AI igamije guteza imbere ibiganiro n’ubufatanye ku rwego mpuzamahanga, hagamijwe ko iryo koranabuhanga rikoreshwa mu buryo bufitiye akamaro abantu bose, kandi bugatanga umusaruro ugaragara mu iterambere ry’ubukungu n’imibereho myiza.

Ishyize imbere kandi guharanira ko abasaga miliyari 2,2 bataragerwaho na interineti bayibona, by’umwihariko mu bihugu bikiri mu nzira y’amajyambere byiganjemo ibya Afurika, nk’imwe mu ntambwe zo kuziba icyuho mu ikoreshwa ry’ikoranabuhanga rigezweho.

# U Rwanda ntirukwiye guhora ruregwa ibibera muri RDC - Amb. Nduhungirehe

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w’Ububanyi n’Amahanga n’Ubutwererane w’u Rwanda, Olivier Nduhungirehe, yavuze ko ibibazo bya politiki n’umutekano biri mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bikwiye gukemurwa n’Abanye-Congo, ashimangira ko u Rwanda rudakwiye guhora rushinjwa ibibera muri icyo gihugu.***

Ibi yabivugiye i Moscou mu Burusiya, mu kiganiro yagiranye n’Ibiro Ntaramakuru by’Abafaransa (AFP), mu gihe yari yitabiriye inama ihuza u Burusiya na Afurika, ku wa Gatatu tariki ya 28 Ukwakira 2026. Ni mbere y’uko Leta Zunze Ubumwe za Amerika zitangaza ibihano bishya kuri Minisiteri y’Ingabo y’u Rwanda n’ikigo cy’imari cy’Urwego rw’Umutekano (Zigama CSS), zibishinja gufasha umutwe wa M23.

Nduhungirehe yavuze ko ibibazo bya politiki n’umutekano biri muri RDC, ari iby’icyo gihugu, ashimangira ko u Rwanda rutagomba guhora rugirwa nyirabayazana w’ibibera muri Congo. Yagize ati: “U Rwanda ntirukwiye guhora rugirwa urwitwazo ku bibera muri Congo, iteka ryose.”

RDC imaze imyaka igera kuri 30 ihanganye n’amakimbirane n’intambara, harimo n’imirwano ihanganishije ingabo zayo n’umutwe wa M23 muri iki gihe. Guverinoma ya RDC n’impuguke z’Umuryango w’Abibumbye bashinja u Rwanda gushyigikira uwo mutwe, ariko u Rwanda rwakomeje guhakana ibyo birego.

Mu 2025, ibikorwa bya gisirikare bya M23 byatumye uwo mutwe ugenzura ibice byinshi byo mu Burasirazuba bwa Congo birimo Imijyi ya Goma n’uwa Bukavu, kugeza n’ubu. Imirwano irakomeje nubwo mu Ukuboza k’umwaka ushize u Rwanda na RDC byagiranye amasezerano y’amahoro yashyigikiwe na Leta Zunze Ubumwe za Amerika, agamije guhagarika intambara.

Amb. Nduhungirehe yanenze ibirego bya Kinshasa bivuga ko uwahoze ari Perezida wa RDC, Joseph Kabila, ari umuntu ukorera u Rwanda, nyuma y’aho atangaje ko yiyemeje gufatanya na M23 muri uku kwezi, uwo mutwe wihuje n’indi mitwe iharanira impinduka muri icyo gihugu ishinga ihuriro ryiswe FRN, iyoborwa na Kabila. Yavuze ko icyo ari ikibazo cya politiki kigomba gukemurwa n’Abanye-Congo ubwabo, binyuze mu nzira za politiki.

U Rwanda, ruvuga ko ruhanganye n’iterabwoba rituruka ku mitwe yitwaje intwaro ikorera mu Burasirazuba bwa RDC, irimo n’ifitanye isano n’abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bari mu mutwe wa FDLR.



Minisitiri w’Ububanyi n’Amahanga n’Ubutwererane, Amb. Olivier Nduhungirehe, yibukije ko RDC igomba gukemura ibibazo byayo ntibyegeke ku Rwanda





# Perezida Kagame na Faye wa Sénégal baganiriye ku bufatanye

IBIKURIKIRA URUP.1

Umubano hagati y’u Rwanda na Senegal umaze imyaka myinshi ushingiye ku bufatanye bwa dipolomasi n’ubw’ubukungu.

Mu 2011, u Rwanda rwafunguye Ambasade i Dakar, Umurwa Mukuru wa Senegal, ibintu byafashije kurushaho guteza imbere imikoranire hagati y’ibihugu byombi.

Uyu mubano wakomeje gushimangirwa n’inzinduko Abayobozi b’Ibihugu byombi bagiriye i Kigali n’i Dakar.



U Rwanda na Sénégal bafitanye umubano umaze imyaka myinshi

Mu Ukwakira 2025, Perezida Bassirou Diomaye Faye yagiriye uruzinduko rw’akazi mu Rwanda, aho yagiranye ibiganiro na Perezida Kagame byibanze ku gushimangira umubano no kwagura ubufatanye mu nzego zitandukanye.

Muri urwo ruzinduko, rwatanze umusaruro kuko ibihugu byombi byashyize umukono ku masezerano atanu y’ubufatanye, arimo ayo gukuriraho visa abafite pasiporo zisanzwe, iz’abadipolomate n’iz’abakozi ba Leta bari mu butumwa bw’akazi.

Andi masezerano yari ajyanye n’ubufatanye mu buhinzi, ubuzima, igenamigambi no gukurikirana gahunda z’iterambere, ndetse n’imikoranire mu bijyanye n’amagororero.

Ku wa 7 Ukwakira 2026, ibihugu byombi byongeye gushimangira umubano basinyanye amasezerano 11 agamije kurushaho guteza imbere umubano n’ubufatanye hagati y’ibihugu byombi, mu nzego zirimo politiki, ubukungu, uburezi, ikoranabuhanga, umuco n’ubutabera.

# Brazzaville: U Rwanda rwibukije Isi inshingano zayo mu gukumira Jenoside

IBIKURIKIRA URUP.1

anyamatsiko igira iti: “Jenoside yakorewe Abatutsi: Inshingano zo kwibuka no gukumira ko yakongera kubaho.”

Yitabiriwe n’abantu barenga 400, barimo Abanyarwanda batuye muri Repubulika ya Congo, abadipolomate, abayobozi ba Leta, abayobozi b’amadini, abahagarariye Sosiyete Sivile, abanyamakuru, abayobozi ba za Kaminuza n’abanyeshuri baturutse muri kaminuza eshatu zirimo Université Marien Ngouabi, Université Denis Sassou N’Guesso na CIESPAC.

Atangiza inama ku mugaragaro, Ambasaderi Parfait Busabizwa, yagarutse ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho Abatutsi barenga miliyoni bishwe mu minsi ijana gusa, kuva ku wa 7 Mata kugeza muri Nyakanga uwo mwaka. Yashimangiye ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itabaye impanuka, ahubwo yateguwe igihe kirekire, bishingiye ku ivangura, imvugo z’urwango, hagamijwe kurimbura Abatutsi.

Yagaragaje kandi uruhare n’inshingano by’Umuryango Mpuzamahanga, by’umwihariko kudaha agaciro amakuru n’impuruza byatanzwe mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, anasobanura akamaro k’ubutabera mu guhana abayigizemo uruhare no guhangana n’umuco wo kudahana.

Ambasaderi Busabizwa yashimangiye ko kwita Jenoside yakorewe Abatutsi mu mazina yayo nyakuri, kubungabunga amateka no kuyigisha urubyiruko ari inkingi z’ingenzi mu kurwanya ihakana n’ipfobya rya Jenoside.



Ambasaderi w’u Rwanda muri Repubulika ya Congo, Parfait Busabizwa

Yagize ati: “Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ni yo nyito ikwiye kandi ni na yo ubu ikoreshwa mu nyandiko z’Umuryango w’Abibumbye. Iyi nyito ikuraho urujijo urwo ari rwo rwose, kuko igaragaza neza itsinda ry’abantu Jenoside yari igamije kurimbura, kandi ikabuza abashaka kuyobya amateka bayigaragaza nk’”intambara ishingiye ku moko” cyangwa “ubwicanyi bw’impande zombie” gukomeza kuyihindura uko itari.

Ati: “Iyi nyito kandi ntiyirengagiza ko hari Abahutu n’abandi bantu bishwe bazira ko banze kwifatanya n’abicanyi cyangwa ko bagerageje kurokora Abatutsi.”

Yibukije ko kwibuka atari inshingano z’u Rwanda gusa, ahubwo ari inshingano z’abantu bose, kuko ingengabitekerezo ya Jenoside, imvugo z’urwango n’ivangura bishobora guteza ibyago ku bantu bose.

Ati: “Ku wa 20 Nzeri 2023, mu nama ya 45 yabereye i Riyadh, Komite y’Umurage w’Isi ya UNESCO yashyize ku rutonde rw’Umurage w’Isi inzibutso enye za Jenoside yakorewe Abatutsi, ari zo Nyamata, Murambi, Gisozi na Bisesero. Iki cyemezo gifite igisobanuro gikomeye cyane. Kigaragaza ko amateka y’izi nzibutso atareba Abanyarwanda bonyine, ahubwo ko ari isomo rikomeye ku bantu bose ku isi.”

Muri iyi nama kandi hatanzwe ibiganiro, byatanzwe na Dr. Appolos D. Mebardoum ukomoka muri Tchad wasangije abandi ku buhamya bw’uko yasanze u Rwanda mu mwaka wa 1995 ubwo yakoreraga Umuryango ” Médecins sans Frontières”.

Umunyamakuru Mehdi Ba, ukorera Jeune Afrique, yagarutse ku ruhare rw’itangazamakuru mu bihe bya Jenoside, anasobanura inshingano zaryo mu gutangaza amakuru ashingiye ku kuri, kurwanya imvugo z’urwango no gukumira ikwirakwizwa ry’ibitekerezo bishobora gutera Jenoside.

Prof. Jean-Pierre Karegeya we yagaragaje uruhare n’imyitwarire ya bamwe mu mpuguke mu bihe bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ashimangira ko buri wese afite inshingano zo kurinda ukuri kw’amateka no kugira uruhare mu gukumira ko Jenoside yakongera kubaho.

Dr. Samantha J. Lakin, yagarutse ku nzira y’ubutabera u Rwanda rwanyuzemo kugira ngo ruhane abateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho yasoje anibutsa urubyiruko cyane cyane abakomoka ku miryango y’abahoze ari impunzi bari hirya no hino mu bihugu bya Afurika birimo na Repubulika ya Congo, ko bafite inshingano mu kurinda ukuri kw’amateka no kurwanya imvugo ziyagoreka.

Abitabiriye iyi nama bagize umwanya wo kubaza ibibazo no kungurana ibitekerezo ku ruhare rwa buri wese mu kubungabunga amateka, kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no guharanira amahoro, ubumwe n’ubwiyunge.

# Perezida Kagame yasabye abayobozi kunoza inshingano bazijyanisha n'ibihe



Perezida Paul Kagame yakiriye indahiro z'abayobozi batandukanye baherutse gushyirwa mu myanya

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yasabye abayobozi mu nzego zitandukanye guhora bisuzuma no gutekereza ku buryo barushaho kunoza imikorere, bijyanye n'impinduka z'ibihe n'inshingano baba bafite.***

Yabigarutseho ku wa Gatanu, tariki ya 30 Ukwakira 2026, ubwo yakiraga indahiro z'abayobozi bakuru baherutse gushyirwa mu nshingano zitandukanye, mu muhango wabereye mu Biro by'Umukuru w'Igihugu, Village Urugwiro.

Perezida Kagame yashimiye abo bayobozi kuba bemeye inshingano zo gukomeza kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu, abibutsa ko uko ibihe bihinduka ari na ko hakenewe kwisuzuma no guhindura imikorere. Yagize ati: "Hari abarahiye ari bwo bwa mbere cyangwa se abari mu zindi nzego ziteza imbere Igihugu, birumvikana birazwi ntabwo ari ngombwa kubisubiramo.

Iteka ibihe biha ibindi, umwaka ushira tujya mu wundi mushya, ari inshingano twaba dusanzwe turimo n'izindi nshya duhamagariwe. Icy'ingenzi cyane ni uguhitamo kwisuzuma ubwacu, tumenya ibihe twabikoraga dute? Ibi bindi se tugiyemo biradusaba igihe kingana iki?"

Yashimangiye ko kwisuzuma no guharanira kunoza imikorere ari inshingano ireba abayobozi bose, kugira ngo bajyane n'ibihe kandi bakomeze kuzuza inshingano zabo uko bikwiye.

Mu bayobozi barahiye harimo Uwacu Julienne wagizwe Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Uwizeye Judith wagizwe Umusenateri, Mukashyaka Claudette wagizwe Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta na Kubwimana Gratien wagizwe Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta Wungirije.

# U Rwanda rukeneye impuguke mu ikoranabuhanga rishyingura umurage w'amajwi n'amashusho



Abahanga mu ishyinguranyandiko bagaragaza ko hagikenewe ubwiyongere mu bahanga babasha gushyingura umurage w'amajwi n'amashusho

**MUTETERAZINA Shifah**

***Abanyamuga mu bijyanye no kubungabunga ishyinguranyandiko bagaragaje ko bagifite imbogamizi y'ubumenyi buke mu bijyanye n'uko babungabunga umurage w'amajwi n'amashusho mu buryo bw'ikoranabuhanga ku buryo utakwangirika.***

Ni bimwe mu byagarutsweho tariki 27 Ukwakira 2026, ubwo u Rwanda rwifatanyaga n'Isi mu kwizihiza umunsi wahariwe kuzirikana no kubungabunga umurage w'amajwi n'amashusho.

Bashimangira ko kubona ubumenyi buhangije bw'uko babika umurage w'amajwi n'amashusho mu buryo bw'ikoranabuhanga ku buryo amakuru abitseho atasibama byafasha kusigira amakuru ibinyejana bizakurikiraho.

Bahizi Jean Baptiste Kennedy ukora mu rwego rw'Ubwiteganyirize rw'u Rwanda (RSSB), mu Ishami ry'ishyinguranyandiko n'isomero agaragaza ko mu mbogamizi zikigaragara mu kubika neza umurage ubitse mu majwi n'amashusho harimo n'ubuke bw'abafite ubwo bumenyi.

Yagize ati: "Kuba inyandiko yashyirwa mu majwi n'amashusho na bwo ni ubundi buryo bwakoreshwa mu kubungabunga amateka ariko biracyagoye kuko haracyari ubuke bw'abafite ubumenyi mu kubika, no kubungabunga amajwi n'amashusho mu buryo bugezweho bw'ikoranabuhanga.

Akomeza agaragaza ko uburyo bwo kubungabunga umurage w'amajwi n'amashusho bikwiye ariko bikigoye kuko ibikoresho bikenewe mu kubika uwo murage bihenze kandi n'ababikoresha nta bumenyi bafite ndetse n'abayobozi b'ibigo batarabyumva.

Ati: "Usanga akenshi dushyira amafoto muri Alubumu agakonja, ugashyira amajwi n'amashusho kuri disikete (Disquette) agakonja ibiriho bigasibama, kandi hano mu Rwanda ntiwabona n'ishami wabyihuguramo. Ikindi kubera ibikoresho bikenewe bihenze usanga abayobozi b'ibigo batanumva impamvu zo kubishoramo."

Mukamurenzi Valérie avuga ko guhugurwa bizabafasha kurushaho kunoza serivisi batanga icyakora na we akagaragaza imbogamizi zibamo.

Ati: "Kuba umurage w'amajwi n'amashusho wabungabungwa ni ingenzi kuko bitanga amakuru ku bantu bazabaho mu bindi binyejana, ariko biracyagoye kuko abafite ubumenyi mu kubungabunga no kubika amajwi n'amashusho ku buryo bitakwangirika baracyari bake birakwiye ko hakongerwa amahugurwa y'ababikora."

Umuyobozi wa Serivisi z'Ishyiguranyandiko mu Nteko y'Umuco, Uwineza Marie Claude avuga ko hari impinduka zabaye agereranyije imyumvire yari ihari ku nshuro eshanu zabanje bizihiza uwo munsi mu Rwanda kandi bakomeje ubukanguramba-baga.

Ati: "Kuri iyi nshuro ya Gatandatu u Rwanda rwizihiza uyu munsi, turishimira ko hari umubare munini w'abamaze kubyumva ugereranyije n'ibihe byatambutse, kuko mbere ntibari bazi n'akamaro k'uwo murage."

Yongeraho ati: "Nk'uko twabivuze mu bigo twasuye hari aho wasangaga barafashe amasede (CD), amadisiketi (Disquette) bibitse amakuru y'ikigo bakabibika mu mifuka bigakonja ariko uko twabasuraga wasubiragayo ugasanga barabikosoye, dukomeje ubukangurambaga ku buryo n'abo bayobozi batarumva bazabyumva."

Mu byaranze uwo munsi harimo no guhugura abakora muri serivisi z'ishyinguranyandiko mu bigo bitandukanye ku buryo bashobora kubika inyandiko mu buryo bw'amajwi n'amashusho asobanura ibiri kuri iyo nyandiko, cyangwa amashusho y'ibihe bitandukanye byaranze ikigo runaka, amakuru yagitangajweho ari mu majwi cyangwa amashusho, ku buryo ibinyejana bizakurikiraho bizamenya amakuru yari ajyanye n'icyo kigo.

Ni umunsi wizihijwe tariki ya 27 Ukwakira ku nshuro ya gatandatu mu Rwanda, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Umurage uri mu majwi n'amashusho, umuyoboro w'umuco n'amateka by'Abanyarwanda."





# Abayobozi ba RDC batera icyuhagiro FDLR ntibazatanga amahoro – Yolande Makolo

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo yavuze ko Abayobozi bakuru ba Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (DRC) bazenguruka Isi yose batera icyuhagiro umutwe w'iterabwoba wa FDLR, ari na ko basebya u Rwanda, batazigera batanga amahoro muri icyo Gihugu no mu Karere kose.***



Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo

Yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 29 Ukwakira 2026, ubwo yasubizaga ubutumwa bwanditswe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa RDC, Thérèse Kayikwamba Wagner washatse gutesha agaciro uruhare igihugu cye gifite mu bibazo by'umutekano muke mu Karere, birimo gutera inkunga FDLR ibangamiye umutekano w'Akarere k'Ibiyaga Bigari.

Minisitiri Kayikwamba na we yasubizaga ubutumwa bwa Tibor Nagy wabaye Umunyamabanga wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) ushinzwe Afurika, uyu munsi akaba ari Ambasaderi w'icyo gihugu muri Guinea na Ethiopia, wanenze ibihano bibogamye Amerika yafatiye Minisiteri y'Ingabo y'u Rwanda n'Ikigega cy'Imari Zigama CSS.

Tibor Nagy yanenze ibyo bihano agira ati: "Niba USA ishaka kutabogama itanga ubufasha mu gukemura burundu amakimbirane hagati y'u Rwanda na RDC mu Burasirazuba bwa Congo, gufatira ibihano uruhande rumwe ntacyo bizafasha. Guverinoma ya Tshisekedi ifite imitwe yitwaje intwaro bakorana iteza umutekano muke u Rwanda, none se kuki mudafatira ibihano abateza ibibazo bose?"

Minisitiri Kayikwamba yahise aza, agaragaza ko ikibazo cyose cyaba kivugwa gusa cyangwa gihari bya nyabyo kidashobora kugereranywa n'ibihumbi by'abaturage bicwa ndetse n'amamiliyoni y'abataye ibyabo mu Burasirazuba bwa RDC.

Ati: "Bwana Nagy, kwiyumvisha ikibazo kidahari cyangwa gihari, ntabwo byagereranywa n'ibihumbi by'abaturage bishwe n'andi mamiliyoni y'abakuwe mu byabo. Iyo uza gukora muri Guverinoma, wari guhuza ubwoba bwo kugabwaho ibitero mu nzira y'icuraburindi n'imyaka mirongo y'urugomo, gufata ku ngufu ndetse no guhatira rubanda kuva mu byabo? 'Ibihano bifatirwa impande zombi' bikuraho itandukaniro, maze bikagaragaza ko ubuzima bw'Abanyekongo bufite agaciro gake. Oya si ko bimeze."

Yolande Makolo na we yaje anenga imvugo ya Minisitiri Kayikwamba isa n'igabanya uburemere bw'ibikorwa by'ubwicanyi bikorwa n'umutwe wa FDLR washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bagakomereza ubwicanyi n'ingengabitekerezo ya Jenoside muri RDC kugeza n'uyu munsi, aho babifashwamo na Guverinoma y'icyo gihugu.

Yagize ati: "Iyi mvugo iteye ishozi ivuga ngo "igitero mu nzira y'icuraburindi" ipfobya ubukana bw'ibikorwa by'ubwicanyi FDLR yakoze ndetse n'ubuzima bw'Abanyarwanda n'Abanyekongo bwashyizwe mu kaga n'abajenosideri ba FDLR. Uku ni ko Guverinoma ya RDC ifata gutera inkunga no gushyigikira imitwe yitwaje intwaro, aho kubahiriza ibyo yiyemeje mu masezerano ya Washington birimo kurandura FDLR. Abayobozi ba RDC bazenguruka Isi batera icyuhagiro FDLR, ari na ko basebya u Rwanda, ntibizatanga amahoro."

Ishami rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika rishinzwe Umutungo w'Igihugu no kugenzura Imitungo y'Amahanga (OFAC) ryatangaje ko ryafatiye ibihano Minisiteri y'Ingabo mu Rwanda na ZIGAMA CSS ku wa 28 Ukwakira 2026, rishinja izo nzego gushyigikira ibikorwa by'uwari umutwe wa M23 mu Burasirazuba bwa RDC.

Ibyo bihano bitangajwe mu gihe ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC gikomeje kudindizwa no kwinangira kwa Guverinoma ya RDC ikomeje gukorana na FDLR iteje impungenge z'umutekano ku Rwanda.

Tariki ya 4 Ukuboza 2025, ni bwo Perezida wa Repubuika y'u Rwanda Paul Kagame na Perezida wa RDC Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo bashyize umukono ku masezerano y'amahoro ya Washington agamije kuzahura umubano w'ibihugu byombi, gukemura ibibazo by'umutekano muke mu burasirazuba bwa RDC, no guteza imbere ubufatanye mu bukungu.

Ibihugu byombi byiyemeje kubaha ubusugire n'imipaka yabyo, kwirinda ubushotoranyi n'ibindi bikorwa byahungabanya umutekano w'ikindi gihugu. Guverinoma ya RDC yiyemeje kurandura umutwe wa FDLR no kureka kuyishyigikira bikazafasha u Rwanda gukuraho ingamba z'ubwirinzi rwashyize ku mipaka yarwo.

Guverinoma ya RDC n'iy'u Rwanda biyemeje kandi gucyura impunzi bijyana no kubahiriza uburenganzira bwa muntu n'amategeko mpuzamahanga agenga intambara. Impande zombi zaniyemeje gushyiraho uburyo buhuriweho bwo kugenzura umutekano n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano, hamwe no gufatanya mu guteza imbere ubukungu bw'ibihugu byombi.

# Ubufatanye bw'ibihugu ni bwo buzagena ejo hazaza ha Afurika - Dr. Nsengiyumva

**TWAGIRA Wilson**

***Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin, uri mu bayobozi ba Afurika bakiriwe na Perezida w'u Burusiya, Vladimir Putin, yatangaje ko ubufatanye bw'ibihugu by'Umugabane wa Afurika ari bwo buzagena ejo hazaza ha Afurika, asanga igihe cyigeze cyo gukuraho inzitizi zibangamira urujya n'uruza rw'abantu, maze n'urubyiruko rugahabwa ubushobozi bwo guhanga imirimo.***

Minisitiri w'Intebe yabivugiye mu nama ya gatatu ihuza u Burusiya n'ibihugu bya Afurika, aho yatanze n'ikiganiro muri Kaminuza ya MGIMO, mu biganiro byamuhuje n'ihuriro ry'urubyiruko rw'u Burusiya na Afurika.

Mu butumwa yahaye urubyiruko muri Kaminuza ya MGIMO izwiho kwigisha amasomo arebana n'umubano Mpuzamahanga na dipolomasi, Minisitiri w'Intebe yagaragaje urugendo rw'u Rwanda mu iterambere, asobanura uruhare rw'urubyiruko mu kwimakaza ubumwe no kubaka iterambere rirambye.

Ati: "Ejo hazaza ha Afurika hazashingira ku bufatanye hagati y'ibihugu byayo, gukuraho inzitizi zibangamira urujya n'uruza rw'abantu n'ibitekerezo, ndetse no guha urubyiruko ubushobozi bwo guhanga imirimo, guteza imbere ubucuruzi no kugira uruhare mu bukungu bw'Isi, urubyiruko rufite uruhare rukomeye mu kubaka ejo hazaza harangwa n'amahoro, ubumwe n'iterambere."

Ku birebana n'amateka, Dr. Nsengiyumva yibukije urugendo rw'u Rwanda rwo kwiyubaka nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, igahitana abasaga miliyoni mu minsi 100 gusa. Asobanura ko amateka y'u Rwanda yigisha ko urubyiruko rushobora gukoreshwa mu bikorwa byo kubaka igihugu rukaba n'imbaraga zikomeye mu birebana no kwiyubakira igihugu.

Nyuma ya Jenoside u Rwanda rwahisemo inzira y'ubumwe

Yasobanuye ko nyuma ya Jenoside, u Rwanda rwahisemo inzira y'ubumwe n'ubwiyunge aho guhitamo kwihorera, rwiyemeza kubaka igihugu gishingiye ku mahoro, icyizere, no kwigira byagejeje Abanyarwanda ku cyerekezo cyiza gishingiye ku iterambere.

Ku ngingo y'imiyoborere myiza Minisitiri w'intebe yagarutse ku ngamba u Rwanda rwafashe mu kwimakaza imiyoborere myiza, kurwanya ruswa, korohereza abashoramari, guteza imbere ikoranabuhanga, ibikorwa remezo n'ubumenyi ngiro, hagamijwe guhanga amahirwe mashya ku rubyiruko.




**Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yitabiriye inama ya gatatu ihuza u Burusiya n'ibihugu bya Afurika yabereye mu Burusiya**

Ku ruhare rw'u Rwanda mu guteza imbere isura yarwo, haba ku rwego mpuzamahanga n'ahandi, yatanze ingero z'ingamba zashyizweho zo gukurura ba mukerarugendo n'ishoramari, ndetse no kwagura amahirwe mu nzego zirimo ikoranabuhanga, ubuhanga mu by'ubwubatsi, siporo n'ubucuruzi.

Ati: "Uruhare rw'u Rwanda ni ingenzi mu bikorwa byo kubungabunga amahoro mu Muryango w'Abibumbye, aho rufasha kurinda abasivili no gutabara abaturage bari mu kaga.

Yagaragaje ko u Rwanda rwashyizeho uburyo bwo guha urubyiruko ijambo mu nzego zifata ibyemezo, binyuze mu myanya yarugenewe mu Nteko Ishinga Amategeko. Ibyo byiyongera ku ngamba zo guteza imbere uburinganire bw'abagore n'abagabo, aho abagore bafite umubare munini mu bagize Inteko Ishinga Amategeko.

Minisitiri w'Intebe yibukije urubyiruko ko amateka y'umuntu cyangwa igihugu byanyuzemo adakwiye kubuza kugera ku ntego z'ejo hazaza. Aboneraho gusaba urubyiruko gukoresha ubumenyi, impano, imiyoboro y'imikoranire n'ibitekerezo bishya mu kubaka ubufatanye burenga imipaka, guhanga imishinga no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

At:i "Urubyiruko ntirukwiye kurebera iterambere rigerwaho gusa, ahubwo rukwiye kuba imbaraga ziriyobora, ziritegura kandi ziri-giramo uruhare rugaragara, mu kubaka Afurika n'Isi birangwa n'amahoro, amahirwe angana n'iterambere rirambye."

# U Rwanda rwageze ku gutunganya metero kibe 367 176 z'amazi ku munsi

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) yatangaje ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026, u Rwanda rwageze ku bushobozi bwo gutunganya metero kibe 367 176 ku munsi buvuye kuri metero kibe 346 736 mu mwaka wabanje wa 2024/2025.***

Ibyo byafashije u Rwanda mu rugendo rwo kwagura ingano n'ibikorwa remezo by'amazi meza, aho kugeza ubu 89,7% by'abaturage bo mu Gihugu hose bamaze kuyagezwaho, mu gihe Leta ikomeje ingamba zo kunoza no kwegereza abaturage bose serivisi z'amazi meza bitarenze mu 2029 nk'uko bikubiye muri Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka Itanu yo kwihutisha Iterambere (NST 2).

Iyi mibare isobanura ko mu gihe umuturage umwe yaba akoresha nibura litiro 50 ku munsi, metero kibe 346 736 zaba ari amazi ahagije ku bantu barenga miliyoni 7,3 ku munsi , nubwo ingano nyayo igera ku baturage iterwa n'imikoreshereze y'amazi n'igihombo kibaho mu kuyageza ku bayakeneye.



**Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, Bwana Canoth Manishimwe**

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, Bwana Canoth Manishimwe, ubwo yari mu kiganiro n'Abadepite bagize Komisiyo y'Imiyoborere, Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagabo n'Abagore ku wa Kabiri, yasobanuye ingamba ziri gushyirwa mu bikorwa kugira ngo abaturage barusheho kubona amazi meza.

Yagaragaje ko ibikorwa byo kubaka no kwagura imiyoboro y'amazi bikomeje kwihutishwa, aho mu mwaka wa 2025/2026 hubatswe imiyoboro mishya ingana na kilometero 36 674, ivuye kuri kilometero 35 538 zari zaragezweho mu mwaka wa 2024/2025.

Manishimwe yakomeje ahamya ko mu rwego rwo kurushaho kwegereza abaturage serivisi z'amazi meza, amashami ya WASAC Group na yo yariyongereye, ava kuri 20 agera kuri 32; hagamijwe kunoza imitangire ya serivisi no korohereza abaturage kuyibona.

Yavuze ko iri zamuka rijyanye no kongera ubushobozi bwo gutunganya amazi, binyuze mu bikorwa remezo bishya birimo inganda z'amazi zuzuye mu bice bya Sake, Muhazi, Kivu Belt, Volcano Belt na Ngororero.

Ibi bikorwa bigamije kongera amazi meza aboneka, gufasha abaturage kuyabona bitabagoye no gukemura ibibazo by'ibura ryayo bikigaragara mu bice bimwe by'Igihugu.

Leta y'u Rwanda ifite gahunda yo gukomeza kwagura ibikorwa remezo by'amazi, kubaka no kuvugurura imiyoboro no kongera ubushobozi bwo gutunganya amazi, kugira ngo serivisi z'amazi meza zirusheho kugera ku baturage hirya no hino mu Gihugu.

Nubwo igipimo cyo kugeza amazi meza ku baturage kigeze kuri 89,7%, MININFRA ihamya ko gukomeza ishoramari muri uru rwego ari ingenzi kugira ngo n'abataragerwaho babone iyi serivisi y'ibanze, ifite uruhare rukomeye mu buzima bwiza, isuku n'iterambere ry'abaturage.





Imvaho Nshya
*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

## Ijambo ry'Ibanze

***Kwitorera abayobozi ni uguha ijambo umuturage mu miyoborere y'aho atuye***

Guhera tariki ya 24 Ukwakira kugeza ku ya 30 Ugushyingo 2026, mu Rwanda hari kuba amatora y'abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage n'ay'Inama z'Igihugu, guhera ku Mudugudu kugeza ku rwergo rw'igihugu.

Aya matora ashimangira ko demokarasi itagarukira ku kuba abaturage bakoresha uburenganzira bwo gutora abayobozi ku rwego rw'Igihugu gusa, ahubwo bagira n'uruhare mu kwihitiramo abayobozi babegereye, bazi ibibazo byabo kandi bashobora kubafasha kubishakira ibisubizo ari na ko bafatanya mu gushyigikira icyerekezo cy'iterambere ry'u Rwanda.

Gutora abayobozi haherewe ku rwego rw'ibanze ni uburyo bugaragaza ko buri muturage afite ijambo mu miyoborere y'aho atuye. Ni n'umwanya wo kugaragaza ko iterambere ry'Igihugu ridashobora kugerwaho n'inzego zo hejuru zonyine, ahubwo risaba ubufatanye bw'inzego zose n'abaturage ubwabo.

Abaturage bitabiriye amatora bagaragaje ko bashishikajwe n'icyerekezo cy'aho batuye n'uruhare rwabo mu kugena abazabafasha kugishyira mu bikorwa, bityo amatora yabaye n'ategerejwe mu bihe biri imbere ntarangirira ku munsi wo gutora ahubwo ni n'intangiriro y'umusaruro w'amahitamo bagize uzigaragaza mu bihe bitandukanye.

Ikindi gikomeye ni uko abayobozi b'inzego zegerejwe abaturage ari bo bafite umwihariko wo gukorana bya hafi n'abo bayobora. Ni bo bamenya vuba ibibazo by'abaturage, ibyifuzo byabo, imbogamizi bahura na zo ndetse n'amahirwe ahari ashobora kubyazwa umusaruro. Kuba abaturage bagira uruhare mu kubitorera bituma bagira n'uruhare mu kugena icyerekezo cy'imiyoborere y'aho batuye.

Umuyobozi wese watowe n'abaturage asaba guhora azirikana ko inshingano afite ari izo gukorera abo ayobora, kuko demokarasi nyakuri idapimirwa gusa ku matora ahubwo igera no ku musaruro uva mu byemezo bifatwa n'abatoye bafatanyije n'ababagiriye icyizere.

Nyuma y'aya matora, abaturage basabwa gukomeza gukorana bya hafi n'abayobozi batowe, kubagezaho ibitekerezo, gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo no kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere.

Nk'uko ijwi rya buri muturage rifite agaciro ni na ko icyemezo cy'umuyobozi n'uburyo ashyira imbaraga mu kubahiriza inshingano yatorewe bifite agaciro gakomeye. Demokarasi irambye yubakwa n'abaturage bagira uruhare mu miyoborere, abayobozi babazwa inshingano n'ubufatanye buhoraho bw'impande zombi.

**Ubwanditsi**

# Ubucucike mu magororero y'u Rwanda bwagabanyutseho 8,8%

**ZIGAMA Theoneste**

***Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu yagaragaje ko ubucucike mu magororero yo mu Rwanda bwagabanyutse buva ku 110% mu mwaka wa 2024/2025 bugera ku 101,2% mu mwaka wa 2025/2026, bingana n'igabanyuka rya 8,8%.***

Ibi byagaragajwe na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu (NCHR), Umurungi Providence, ubwo yagezaga ku bagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi Raporo y'ibikorwa by'iyo Komisiyo, ikubiyemo ibyavuye mu igenzura ryakozwe mu magororero mu mwaka wa 2025/2026.



**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu (NCHR) Umurungi Providence yagaragaje ko ubucucike mu magororero bwagabanyutseho 8,8%**

Komisiyo yavuze ko iri gabanyuka ryatewe n'ingamba zitandukanye zafashwe mu butabera, zirimo gahunda y'ubuhuza ku rwego rw'ubugenzacyaha, kurekura ukekwaho icyaha akagenerwa ibyo agomba kubahiriza, gutanga ihazabu hatabayeho kuburana, ubwumvikane bushingiye ku kwemera icyaha (plea bargaining), ibihano bitari igifungo n'iburanisha rikoresha ikoranabuhanga (E-Court). Hari kandi irekurwa ry'agateganyo ry'abagororwa 1.874 ryabaye ku wa 4 Werurwe 2026.

Nubwo ubucucike bwagabanyutse, NCHR yagaragaje ko umubare w'abafungiye mu magororero ugikomeje kuba munini, ku buryo bikomeza gushyira igitutu ku bikoresho n'ibikorwa remezo byifashishwa mu kwita ku bagororwa.

Yagize ati: "Henshi habaye kwagura amagororero, ariko ntibivuze ko umubare w'abajya mu magororero wagabanyutse. Twajyaga dusangamo hafi ibihumbi 60, ariko ubu twasanzemo hafi 70 000."

Umurungi yasabye ko hakongerwa imbaraga mu gushaka ibikoresho bikenerwa n'abagororwa, agaragaza ko umubare munini wabo utuma ibikoresho byifashishwa mu buzima bwa buri munsi bishaje vuba. Yasabye abikorera gushaka uko bafatanya n'inzego bireba mu gutanga ibyo bikoresho.

Ibibazo bikigaragara mu magororero

Igenzura rya NCHR ryagaragaje ko hari intambwe yatewe mu kubahiriza uburenganzira bw'abafunzwe no kunoza imibereho yabo, by'umwihariko mu bijyanye n'amafunguro, amazi meza, isuku, kugabanya ubucucike no kwita ku byiciro byihariye birimo abana, abagore batwite n'abonsa, abantu bafite ubumuga, abageze mu zabukuru n'abanyamahanga.

Icyakora, Komisiyo yasanze hakiri ibibazo birimo ubucucike muri kasho zimwe na zimwe n'inyubako zishaje zikeneye kuvugururwa.

Abagize Inteko Ishinga Amategeko bagaragaje impungenge ku mibereho y'abafungiye mu bigo bitandukanye, basaba ko hakorwa ibishoboka kugira ngo ibibazo byagaragajwe bikemurwe.

Depite Bakundufite Christine yabajije impamvu abantu bafite indwara zandura n'abafite ibibazo byo mu mutwe hari aho bafungirwa hamwe n'abandi badafite ibyo bibazo.

Yagize ati: "Komisiyo yasanze hari ahatari ibyumba byihariye byagenewe abagaragayeho imyitwarire idahwitse, n'abafite uburwayi bwandura. Nibajije niba Komisiyo nta kintu yaganiriye n'inzego bireba."

Depite Wibabara Jennefer na we yagaragaje impungenge ku bucucike bukigaragara mu magororero, mu gihe ibyaha bikomeje kwiyongera.

Yagize ati: "Hakenewe uburyo bwo kubaka mu buturage ku buryo ibibazo bituma abantu bajya mu magororero bigabanyuka aho kongera amagororero."

Depite Mukarusagara Eliane yavuze ko mu magororero amwe n'amwe basuye basanze ubucucike butuma isuku iba ikibazo, asaba ko hashakwa ibisubizo birambye.

Yagize ati: "Muri iyo raporo igenzura ryakozwe mu bigo 22, muri byo hari ibyumba bitanduye ku bagabo n'abagore. Muri ibi byumba byihariye hari ibigo birindwi bishyirwamo aho abana b'abahungu babana n'abagabo."

Yongeyeho ko mu Kigo Ngororamuco cya Rusizi hari aho usanga abana b'imyaka 10 bafungirwa hamwe n'abagabo.

Hon. Mukarusagara yavuze kandi ko mu bigo bimwe na bimwe nta bwogero buhagije buhari, ku buryo abafungiye muri ibyo byumba babura aho biyuhagirira n'aho kwinyagamburira.

Ati: "Nk'abo bantu baba banabasha kuhogera gute? Nta n'ubwo banaryama. Ukuntu utwo twumba tungana, twinjiramo haranukaga rwose n'inda zitondagira tuzireba."

Perezida wa NCHR, Umurungi Providence, yasobanuye ko ikibazo cy'ubucucike cyiganje cyane muri kasho, cyane cyane mu bigo bifungirwamo abantu by'igihe gito, birimo ibyo mu mijyi no hafi y'imipaka.

Ku bijyanye n'abana bari munsi y'imyaka 10 basangwa mu magororero, Komisiyo yavuze ko iyo ibasanze ahafungirwa abantu bakuru, ikora ibishoboka kugira ngo barekurwe.

Raporo igaragaza ko Igororero rya Rwamagana ari ryo rifite umubare munini w'abarifungiyemo, aho habarurwa abasaga 15 000.

Komisiyo yasanze umubare w'abajyanwa mu bigo ukomeza kwiyongera kuko wavuye ku 8 784 mu mwaka wa 2024/2025 ugera kuri 11 369 mu mwaka 2025/2026, ndetse hakiri ibibazo bitarakemuka birimo ubucucike mu bigo bimwe na bimwe, ibidakora ijonjora ku gihe bigatuma hari ababimaramo igihe kirenga icyateganyijwe.

# Abasaga 1 600 binjiye muri Polisi y'u Rwanda basabwe gukumira ibyaha bishya

**SHEMA Ivan**

***Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, Dr. Vincent Biruta, yagaragaje ko nubwo mu Rwanda umutekano wifashe neza muri rusange hakenewe imbaraga z'inzego z'umutekano mu guhashya ibyaha n'ibindi bibazo bihungabanya umutekano n'imibereho myiza by'abaturage.***



**Abanyeshuri bahize abandi barashimiwe**

Yabigarutseho tariki ya 28 Ukwakira 2026, ubwo yayoboraga umuhango wo kwinjiza abapolisi bato bashya 1652 bagize icyiciro cya 22, basoje imyitozo y'ibanze y'amezi 10 yaberaga mu Kigo cy'Amahugurwa cya Polisi y'u Rwanda giherereye i Gishari mu Karere ka Rwamagana.

Ni amahugurwa yitabiriwe n'ab'igitsinagabo 1 315 n'ab'igitsinagore 337, barimo 60 bazajya gukorera mu rwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano (NISS) na 40 bo mu rwego rw'Igihugu Rushinzwe Igorora (RCS).

Minisitiri Dr. Biruta yagize ati: "Haracyagaragara ubusinzi, ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge nk'ibyo tumaze iminsi turwanya birimo inzoga zitujuje ubuziranenge, ubujura, gukubita no gukomeretsa, impanuka zo mu muhanda n'ibindi bibazo bihungabanya imibereho myiza n'umutekano by'abaturage bacu mu buryo butandukanye ndetse n'ibyaha bijyana n'iterambere ry'ikoranabuhanga.

Yakomeje asobanura ko imbuga nkoranyambaga zabaye intwaro ikomeye ishobora kubaka cyangwa igasenya. Ati: "Uyu munsi wa none, turasabwa guhangana n'ibyaha bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga, uburiganya bwo kuri murandasi, ikoreshwa nabi ry'amakuru n'ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano (AI), ibyaha byambukiranya imipaka, iterabwoba, icuruzwa ry'abantu, ruswa n'ibindi bikorwa bishobora guhungabanya ituze ry'abaturage n'imikorere y'inzego z'igihugu."

Minisitiri Dr. Biruta yaboneyeho gusaba abapolisi kwihatira gukoresha neza ikoranabuhanga mu rwego guhangana n'ibyaha. Ati: "Turi mu bihe isi ihanganye n'impinduka zihuse kandi zigenda zirushaho gukomera mu bijyanye n'umutekano.

Birasaba ko umupolisi agira ubushobozi bwo gukumira ibyaha, kumenya gukoresha ikoranabuhanga mu buryo buboneye, kuvugana neza n'abaturage no gufata ibyemezo bishingiye ku mategeko, ku bimenyetso no ku nyungu rusange. Ibi nta handi bitangirira hatari muri aya mashuri n'amahugurwa nk'aya."

Umuyobozi w'Ishuri ry'Amahugurwa i Gishali, Commissioner of Police (CP) Rafiki Mujiji yavuze ko hashingiwe ku ntsinzi bagaragaje mu bizamini n'ibindi bipimo by'ubumenyi byakozwe ndetse no ku murava n'ikinyabupfura byabaranze mu gihe bamaze biga, hari icyizere ko bazasohoza neza inshingano zibategereje.

Yabibukije ko amasomo bahawe ari itangiriro, mu gihe cyose bazaba bakiri muri Polisi y'u Rwanda bazakomeza andi mahugurwa anyuranye abafasha kurushaho gusohoza inshingano zabo. Abapolisi bashya bagaragarije abitabiriye umuhango ubumenyi bafite mu myiyereko irimo guhosha imyigaragambyo, kumasha, akarasisi n'imyitozo njyarugamba.

Muri uyu muhango, hanahembwe abanyeshuri bitwaye neza kurusha abandi barimo Rct. Shema Moses wahize abandi bose yakurikiwe na Rct. Gatete Jimmy wabaye uwa kabiri mu gihe na Rct. Musinga Abdallah wabaye uwa gatatu.



**Polisi y'u Rwanda yungutse abapolisi bashya 1 652**

# U Rwanda rwashimangiye ko rwiteguye kubahiriza Amasezerano ya Washington

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko yiteguye gushyira mu bikorwa Amasezerano ya Washington, yasinyanye na Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) igihe cyose icyo gihugu kizagaragaza ubushake bwo kubahiriza inshingano cyemeye.***



**Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo, yagaragaje ko hakenewe ko impande zombi zuzuza ibyo ziyemeje**

Ibi byatangajwe n'Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo, ku wa Kane, tariki ya 29 Ukwakira 2026, agaragaza ko hakenewe ko impande zombi zuzuza ibyo ziyemeje kugira ngo inzira y'amahoro itere imbere.

Yagize ati: "Amasezerano ya Washington akubiyemo inshingano zumvikana ku bijyanye no kurinda umutekano w'u Rwanda, by'umwihariko ikibazo cyo guhashya umutwe wa FDLR ugizwe n'abakoze Jenoside, uterwa inkunga na Leta ya Congo, inshingano zitarashyirwa mu bikorwa, kandi abo bireba bakaba nta cyo barabibazwaho."

Yakomeje avuga ko u Rwanda rwiteguye kubahiriza amasezerano, igihe cyose Leta ya RDC izagaragaza ubushake bwo kuzuza inshingano zayo, kandi umuhuza akita ku buryo impande zombi zibazwa inshingano ku byo ziyemeje.

Amasezerano ya Washington agamije gukemura ibibazo by'umutekano hagati y'u Rwanda na RDC, by'umwihariko ikibazo cy'umutwe wa FDLR, umaze imyaka myinshi ukorera mu Burasirazuba bwa RDC.

Uyu mutwe ugizwe ahanini n'abahoze mu ngabo n'imitwe yagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Wafatiwe ibihano n'Umuryango w'Abibumbye na Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Guverinoma ya RDC yiyemeje gushyira mu bikorwa gahunda yo kurandura uwo mutwe w'iterabwoba wa FDLR, mu gihe u Rwanda na rwo rwiyemeje gukuraho ingamba z'ubwirinzi rwashyizeho mu rwego rwo guhangana n'iterabwoba ryawo, hakurikijwe gahunda yumvikanyweho.

Ishyirwa mu bikorwa ry'izo nshingano ni imwe mu ngingo z'ingenzi zigamije gukuraho impungenge z'umutekano hagati y'ibihugu byombi no guteza imbere umubano wabyo.

Amasezerano ya Washington hagati y'u Rwanda na RDC yashyizweho umukono ku wa 27 Kamena 2025, ku bufasha bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika yaje gushimangirwa n'Abakuru b'Ibihugu hagati ya Perezida Paul Kagame w'u Rwanda na Tshisekedi Felix wa RDC bayobowe na Perezida wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

Akubiyemo kubahiriza ubusugire n'imbibi za buri gihugu, kwirinda ibikorwa by'ubushotoranyi n'ibitero bya gisirikare hagati y'impande zombi, ndetse no gukumira ibikorwa by'ubugizi bwa nabi.

Impande zombi ziyemeje kandi kurinda abasivili no kubahiriza amategeko mpuzamahanga agenga intambara.

Ayo masezerano ateganya kandi guteza imbere ubucuruzi, ishoramari, imicungire y'umutungo kamere n'ubufatanye mu Karere, hagamijwe ko amahoro azana n'iterambere ry'abaturage.





# Ubuzima bw'abagore bajyanwa mu Igororero batwite n'abafitemo abana

**MICOMYIZA BARINDA Fidele**

***Iyo umugore yinjiye mu Igororero atwite, afite umwana ukiri ku ibere, hari igihe kigera agatandukana n'umwana bitewe nuko igihe cye cyo kugumana na nyina mu Igororero kirangiye, aha ni igihe umwana agejeje imyaka itatu y'ubukure. Ababyeyi bahuza bate kubyara, kurera no gutandukana n'abana ari na ko bakomeza igihano cyabo?***



**Abagore binjiye mu Igororero batwite n'abafite abana bakiri ku ibere bashima uburyo ubuzima bwabo n'abana babo bwitabwaho**

Igororero rya Musanze ricumbikiye abasaga 4 000, barimo abagore basaga 918, muri bo 9 baratwite, abasaga 76 bafite abana ndetse bonsa, aba bana 78 barimo abahungu 31 n'abakobwa 47 mu gihe harimo umwe ufite impanga.

Imvaho Nshya yasuye iri Gororero bamwe muri aba bagore bayibwira ubuzima babayemo uhereye ku bakatiwe batwite, abari bafite abana bacyonka kugera ku wageze igihe cyo kumwohereza mu muryango kuko igihe cyo gutandukana nawe cyari kigeze.

**Uwamenye ko atwite ageze mu Igororero**

Nyiransengiyumva Jacqueline, wo mu Karere ka Gakenke, avuga ko yinjiye mu Igororero atazi ko atwite, kuko yabimenye ubwo yari amaze gutabwa muri yombi akazanwa muri iryo Gororero. Mbere yo kuzanwamo, yari yaragabiwe inka muri gahunda ya Girinka Munyarwanda, akaba yari umuhinzi.

Yagize ati: "Ntabwo nari nzi ko ntwite. Nabimenye ngize isereri ndi kuzanwa mu Igororero, mpageze baradupimye basanga ndatwite, bahise batangira kumpa intungamubiri zikenewe zirimo igikoma, amata, imbuto, imboga n'ibindi kugira ngo ngire ubuzima bwiza hamwe n'umwana."

Avuga ko mu ijoro rye rya mbere yumvaga afite ubwoba, atekereza ko ubuzima bwe n'ubw'umwana yari atwite buhindutse burundu, ariko uburyo yakiriwe bwamufashije kwakira ubuzima bushya.

Ati: "Nkigera hano bahise bampa ibirayi n'indagara, mpita mvuga nti nkwiriye kwiyakira, naha ni murugo."

Akomeza avuga ko yishimira uburyo yitabwaho, kuko hari ibyo ahabwa atari gushobora kubona buri munsi iyo aza kuba akiri mu rugo, birimo inyama, amata, imbuto, imboga n'ibindi.

Yongeraho ko no kwisuzumisha kenshi gukurikirana ubuzima bwe n'ubw'umwana atwite bimufasha kumva atekanye.

**Hari uwinjiranye umwana w'amezi atandatu mu Igororero**

Mukamutesi Valentine, ukomoka mu Karere ka Burera, yinjiye mu Igororero afite abana batatu, ariko azana umwe wari ukiri muto, abandi babiri abasiga mu rugo babana na se.

Avuga ko yazanywe mu Igororero azira gucuruza ibiyobyabwenge birimo Kanyanga, yavanaga muri Uganda. Yafashwe nyuma y'amakuru abaturage batanze ubwo yari ari kuyicuruza iwe mu rugo.

Igihe yageraga mu Igororero, umwana yazanye yari afite amezi atandatu. Avuga ko yakiriwe neza, agahabwa ibyo akeneye kugira ngo akomeze gukura neza.

Yagize ati: "Mbayeho neza, bamfashe neza, nageze hano mpasanga abandi babyeyi bafite abana, ndiyakira, umwana wanjye afite uburenganzira busesuye, yahawe imfashabere kuko nahageze agize amezi atandatu, nahabwaga amata, igikoma n'ibyo kurya birimo intungamubiri byiganjemo inyama n'indagara."

**Hari uwatandukanye n'umwana agejeje imyaka itatu**

Ishimwe Mignone, ukomoka mu Karere ka Rubavu, ni umwe mu bagore bageze aho batandukana n'abana bari barazanye mu Igororero, bakoherezwa mu miryango kugira ngo bakomeze kurererwa hanze yaryo.

Yakatiwe igifungo cy'imyaka 15 nyuma yo guhamwa n'icyaha cyo gutunda no gucuruza ibiyobyabwenge byo mu bwoko bw'urumogi.

Avuga ko yakoranaga n'umuntu wamuzaniraga urumogi arukuye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, na we akarujyana i Kigali aruhishe mu myambaro kugira ngo arugeze ku baguzi. Yongeraho ko hari igihe yahembwaga amafaranga y'u Rwanda 30 000, ubundi 50 000 ku munsi.

Igihe yatabwaga muri yombi agiye kuzanwa mu Igororero, yari afite umwana w'umwaka n'igice. Avuga ko yumvaga ko ubuzima bwe n'ubw'umwana burangiye, kuko atatekerezaga uko azashobora kumwitaho muri icyo gihe.

Yagize ati: "Bitewe n'ubuzima umuntu aba arimo, numvaga ko ubuzima bwanjye n'ubw'umwana wanjye burangiye, cyane ko n'ubundi nari narabigiyemo kubera umwana, nahise mvuga nti ubwo nyine tugiye gupfira mu Igororero."

Uko yakiriwe byahinduye uko yumvaga ubuzima bwo mu Igororero

Ishimwe avuga ko akihagera yatunguwe n'uburyo yakiriwe, kuko yasanze hari ubufasha buhabwa ababyeyi n'abana babo, burimo ibiribwa, amata, imbuto, amasabune n'imyambaro.

Ati: "Nkigera mu Igororero ibyo nari niteze byarahindutse, batwakiranye ubwuzu, umwana wanjye bakajya bamuha ibyo kurya, amata, imbuto, SOSOMA, amasabune yo kumukorera isuku n'imyenda. Batwitagaho bakadufasha, muri make, RCS ni iyo gushimirwa kuko yatumye dusubirana ubuzima twari tuzi ko burangiye."

Avuga ko no mu buzima bwa buri munsi, umwana yitabwagaho mu buryo bukwiye, kuva mu gitondo igihe cyo kumwuhagira, kugeza ku mafunguro n'ibindi bikoresho by'isuku.

Yongeraho ko ibyo umwana yari akeneye byose yabibonaga, n'umubyeyi wonsa agahabwa ibyo akeneye kugira ngo akomeze kumwitaho.

Gutandukana n'umwana byamusigiye impungenge

Igihe cyaje kugera umwana we yujuje imyaka itatu, biba ngombwa ko ava mu Igororero akajya kurererwa mu muryango.

Ishimwe avuga ko gutandukana na we byamugoye, kuko yari amaze igihe amurera buri munsi, akaba yarahangayikishijwe n'uko azamwakira ndetse niba atazibagirwa ko ari nyina.

Yagize ati: "Ntabwo numvaga ko umwana wanjye atekanye kandi amvuye mu biganza, icyo nabwiye nyirasenge wari umujyanye ni uko atazatuma umwana wanjye anyibagirwa nka nyina, kuko numvaga ntazongera kumubona."

Avuga ko nyuma y'ukwezi kumwe umwana yongeye kugarurwa mu Igororero, akongera kumubona, na we akamwibuka, bakishimana.

Ati: "Uyu munsi ni isabukuru ye, yujuje imyaka itanu kandi ndacyamubona. Ibyo byose mbikesha ubuyobozi bw'Igororero rya Musanze ndetse n'ubuyobozi bwa RCS muri rusange."

Mu gusoza, Ishimwe yagiriye inama urubyiruko kwirinda ibyaha, cyane cyane ibiyobyabwenge, avuga ko kwishora mu bikorwa nk'ibyo bishobora kugira ingaruka ku buzima bw'umuntu no ku muryango we.

Ati: "Nari inkumi, iyo numvira ababyeyi simba ndi aha. None nzasanga umwana wanjye afite imyaka 17."

# Amatora: Abagore n’abafite ubumuga bishimira ijambo bahawe mu nzego zifata ibyemezo



Umukorerabushake mu bikorwa by’amatora abara amajwi

**KAMALIZA Agnes**

***Abagore n’abantu bafite ubumuga mu Rwanda bavuga ko bigeze kubaho bahezwa ndetse ntibumvwe mu miryango ariko bishimira intambwe imaze guterwa mu kubaha umwanya mu nzego zifata ibyemezo binyuze mu guhatana mu matora.***

Babigarutseho kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 31 Ukwakira 2026, ubwo bitabiraga amatora y’inzego z’ibanze ku rwego rw’Akagali, hatorwa ibyiciro bitandukanye birimo na Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Abagore n’Inama y’Igihugu y’Abantu bafite Ubumuga; ari nabwo bwa mbere abifite ubumuga batoye mu buryo butaziguye.

Mu rwego rwo kongera uruhare rw’abafite ubumuga mu miyoborere y’Igihugu, Itegeko Nshinga rya 2003 ryateganyije ko mu Badepite 80 bagize Inteko Ishinga Amategeko, umwe agomba kuba ahagarariye abafite ubumuga.

Mu matora yabaye hagati y’itariki ya 29 Nzeri na 2 Ukwakira 2003, uwo mudepite yatoranyijwe n’akanama k’amatora kagizwe n’abahagarariye ibyiciro byihariye, kazwi nka mini-committees.

Ubu buryo bwagiye buhinduka uko amategeko yagiye avugururwa. Itegeko Nshinga ririho ubu riteganya ko Umudepite umwe uhagarariye abafite ubumuga atorwa n’Inama y’Igihugu y’Abantu bafite Ubumuga (NCPD).

Impinduka ikomeye yabaye mu Itegeko Nshinga rya 2003, ryashyizeho ihame ry’uko nibura 30% by’imyanya mu nzego zifata ibyemezo igomba kuba ari abagore.

Iryo tegeko kandi ryateganyije imyanya 24 yihariye y’abagore mu Badepite 80, batorwa n’inzego zihariye hakurikijwe inzego z’imitegekere y’Igihugu.

Mu 2007, amategeko agenga imitwe ya politiki n’abanyapolitiki na yo yaravuguruwe, ashyiraho ko urutonde rw’abakandida imitwe ya politiki itanga mu matora rugomba kuba rurimo nibura 30% by’abagore.

Aho ni ho abafite ubumuga n’abagore bo mu Karere ka Bugesera bavuga ko batagihezwa kandi bashima umwanya Leta yabahaye mu kugaragaza ibitekerezo byabo no kwihitiramo abayobora.

Dusabimana Cécile, ufite ubumuga bw’ingingo, uba mu kigo cy’Umuryango w’Ababikira b’aba Hosipitaliyeri ba Mutagatifu Marita mu Murenge wa Nyamata yabwiye Imvaho Nshya ko abafite ubumuga bahuraga n’ikibazo cyo guhezwa n’imiryango yabo, ntibahabwe umwanya wo kwitabira ibikorwa bibera hanze, ariko ubu ashima ko bategwa amatwi ndetse bakagira uruhare mu miyoborere.

Ati: “Mbere wasangaga umuntu ufite ubumuga ahezwa mu nzu, akaba ari wa muntu uhora mu rugo, yewe n’abantu bo mu muryango we ntibamwiteho.

Ariko ubu nta hantu wajya gusaba serivisi ngo uyibure, bakwakira nk’abandi bantu bose kandi natwe turahagarariwe mu nzego zifata ibyemezo.”

Asaba ababyeyi bafite abana barira ndabyishimira kuko twahawe agaciro.”

Abagore na bo bishimira ko batagihezwa

Ku ruhande rw’abagore bavuga ko mu bihe byashize ijambo ryabo ritahabwaga agaciro nk’iry’abagabo ariko ubu bavuga rikumvikana.

Izabikora Francine, wo mu Murenge wa Ntarama, mu Kagali ka Kanzenze avuga ko abagore bafite uruhare mu gushaka umuti w’ibibazo bihari; bitandukanye n’uko byahoze aho ahanini abagabo ari bo bafataga ibyemezo.

Ati: “Umugore wa kera nta jambo yagiraga, no mu matora wasangaga nta cyizere bagirirwa ariko ubu dushima ko mu nzego zitandukanye no mu mirimo babonekamo.”

Uwimana Mariya wo mu Murenge wa Nyamata mu Kagari ka Nyamata na we yagize ati: “Umubyeyi yarahohoterwaga, ntahabwe aho avugira cyangwa uwo abwira ikibazo afite, ugasanga abagabo ari bo bihariye ijambo gusa, ariko kuba dufite ibyiciro abagore babonekamo birafasha kuko badufasha guhangana n’ibibazo duhura na byo no gushaka ibisubizo.”

Imibare igaragaza ko mu matora y’Abadepite yo mu 2003, abagore babonye imyanya 39 kuri 80, bangana na 48,75%. Mu matora yo mu 2024, umubare wabo wageze kuri 51 kuri 80, bangana na 63,8%, barimo 25 batowe mu matora rusange na 26 batowe mu buryo bwihariye.



Abafite ubumuga bishimira umwanya bahawe mu kugira uruhare mu nzego zifata ibyemezo





# Sobanukirwa ibimenyetso byo gucura k’umugore



Kimwe mu bimenyetso by’umugore ugeze mu gihe cyo gucura ni ubushyuhe bwinshi yumva, agakenera kwihungiza

**NYIRANEZA Judith**

***Impuguke mu bijyanye n’imyororokere zemeza ko umugore yacuze igihe amaze amezi 12 akurikiranye atajya mu mihango, kandi icyo gihe kigira ibimenyetso byihariye birimo kugira ubushyuhe butuma abira ibyuya n’igihe hakonje, kuribwa umutwe, impinduka mu bitotsi n’ibindi.***

Dr. Nzabonimpa Anicet, Inzobere mu bijyanye n’ubuzima bw’imyororokere by’umwihariko bw’abagore n’abakobwa mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya yagarutse ku bimenyetso bigaragara ku mugore ugiye gucura ndetse n’icyakorwa ngo agire ubuzima butamuhungabanya.

Yagize ati: “Icyiciro kibanziriza gucura, umugore agira ibimenyetso runaka kimwe, bibiri, bitatu, … bitewe nuko umuntu abyitwayemo. Gusa muribyoharikumvaubushyuhe bw’umubiri, agashyuhirana akabira ibyuya,kugabanyuka k’ubushake bwo gukora imibonano mpuzabitsina, kumva ingingo zimwe na zimwe zimurya nk’umugongo, mu kiziba cy’inda n’ibindi.”

Dr. Nzabonimpa asobanura ko gucura ari ikigero kijyana nuko umuntu agenda akura kuva mu bwana kugeza igihe azasazira cyane umugore akagera mu gihe kigereranywa n’ikoni risobanura umuntu rimukura mu cyiciro runaka rimujyana mu kindi.

Yagize ati: “Gucura ni ukuva mu cyiciro kimwe umugore ajya mu kindi, bigereranywa n’ikoni. Ntibikwiye kuba ikintu kimuremereye, ahubwo umuti wa mbere ni ukwiyakira, akamenya ko ari igihe runaka cy’ubuzima.

Iyo atiyakiriye akajya kwa muganga, akaba abwiye ubwonko ko arwaye, icyuya gishyuhe kirakomeza. Iyo ubwiye umubiri ikintu, ubwonko buragikora. Utiyakiriye bya bimenyetso biratinda.”

**Ibimenyetso byo gucura**

Dr. Nzabonimpa yasobanuye bimwe mu bimenyetso bikunze kugaragara ku mugore ugiye gucura, kandi ko atariko biza byose kimwe ku bagore bose.

Kugira ubushyuhe mu mubiri

Umugore ugiye gucura yumva ubushyuhe bw’umubiri, akagira igitigitira, agashyuhirana akabira ibyuya no mu gihe cy’ubukonje, ariko we akumva ari gushya, ugasanga arihungiza buri kanya, akambara imyenda idafite amaboko. Umuti wa mbere ni ukwiyakira, akumva ko ari ikigero agezemo nkuko atagiye kwa muganga amera amabere cyangwa ajya mu mihango.

**Kugabanyuka k’ubushake bw’imibonano mpuzabitsina**

Gukora imibonano mpuzabitsina ntacyo bihindura ku mubiri w’umuntu, ariko mu gihe cyo gucura bishobora gusenya urugo, kuko ku mugore imisemburo ya kigore iba itangiye kugenda igabanyuka cyane mu mubiri, icyo gihe n’umubiri ucika intege, ugasanga nta bushake afite bwo gukora icyo gikorwa.

Kumva ingingo zimwe na zimwe ziryaryatwa

Ashobora kumva ingingo zimwe na zimwe, ziryaryata, zimurya nk’umugongo, akumva bitameze neza mu kiziba cy’inda, akumva amabere yaremereye cyangwa cyangwa mu itako kuko ya misemburo y’abagore (oestrogene na Progesterone) iba yagabanyutse kandi iyo umugore ayifite ituma ubutare bwa kalisiyumu bufata ku magufwa neza. Iyo misemburo ituma amagufwa y’abagore akomera.”

**Kurwara umutwe**

Muri icyo gihe hari abababara umutwe, bakumva batameze neza rimwe na rimwe bakaba bagira n’isereri.

**Impinduka mu kwezi k’umugore**

Izo mpinduka zitangira mbere yo gucura nyir’izina. Hakabaho impinduka mu kwezi kwe. Imihango ikaza mu buryo budasanzwe, ikajya ihindagurika rimwe agasanga ije kare mu gihe atabitekerezaga, ikaba yamutungura atanabyiteguye, ubundi ikaza bitinze, kubara ukwezi kwe kukajya kumugora. Ikigero gishobora kumara umwaka 1, 2, 3 ariko iyo atiyakiriye, abwira ubwonko bwe ko arwaye, yakumva bwa bushyuhe buje, akaba abwiye ubwonko ko yarwaye, Icyo gihe biramugora kuko icyo umubiri ubwiye ubwonko buragikora.

**Ibyafasha umugore ugeze mu gihe cyo gucura**

Dr. Nzabonimpa yavuze ko mu gihe umugore ageze ku gihe cyo gucura, agomba kwiyakira, kurya indyo yuzuye igizwe n’ibyubaka umubiri, ibirinda indwara n’ibitera imbaraga no gukora imyitozo ngororamubiri.

Yagarutse cyane ku kamaro ko kwiyakira, asobanura ko iyo umuntu yiyakiriye ibimenyetso bidakara cyane biroroha kandi bikanarangira vuba. Utiyakiriye ukomeza yivuza we biratinda. Ntibiza byose kimwe ku bagore bose kuko umwe ashobora kugira ikimenyetso kimwe cyangwa se 2, 3. Si ngombwa ko umuntu abigira byose. Icyo gihe nyuma ni bwo ashobora kumara amezi 12 atabona imihango, bigashimangira ko yacuze.



Imyitozo ngororamubiri na yo ni ingenzi mu gihe umugore yegereje gucura no mu gihe yacuze

# Amatora: Imbamutima z'urubyiruko rwishimiye kwitorera abaruyobora



Batoraga bajya inyuma y'umukandida bahisemo kuri buri cyiciro gitorerwa

ZIGAMA Theoneste

***Bamwe mu rubyiruko bagaragaje ko bishimiye kwitabira amatora y'inzego zibahagarariye, bavuga ko ari uburyo bwo kwihitiramo abayobozi bazajya babavuganira no kubafasha kubona serivisi zibafasha kugera ku iterambere bifuza.***

Ni amatora y'Inzego z'ibanze yabaye ku wa Gatandatu tariki ya 31 Ukwakira 2026, akomereza ku rwego rw'Akagari, ahatowe Umujyanama uhagarariye Akagari mu Nama Njyanama y'Umurenge, Abajyanama b'abagore bangana na 30% by'abagize Inama Njyanama y'Umurenge, ndetse n'abakandida babiri b'abagore bangana na 30% by'abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Abagore.

Hatowe kandi abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu ku rwego rw'Akagari, Abajyanama bahagarariye ibyiciro byihariye (urubyiruko, abafite ubumuga n'abagore) ndetse na Biro y'Inama Njyanama y'Akagari.

Urubyiruko Imvaho Nshya yasanze kuri site zitandukanye mu Mujyi wa Kigali bavuze ko bishimiye kugira uruhare mu guhitamo abayobozi babahagarariye, bakaba bizeye ko bazafatanya mu gushakira ibisubizo ibibazo bibangamiye iterambere ryabo.

Nsekanabo Gilbert, yavuze ko kwitabira amatora ari ingenzi kuko bituma abaturage bagira uruhare mu guhitamo abo bakeneye ko babavuganira.

Ati: "Nishimiye kuba natoye kuko serivisi nkenera mpura na bo kenshi hari igihe rero ubasanga bakagufasha ubwo kubatora ni ingenzi."

Yasabye ko abayobozi batowe bazita ku bibazo by'abafite ubumuga, bakabakorera ubuvugizi, by'umwihariko abafite ikibazo cyo kutabona inyunganirangingo bakazihabwa.

Kwizera Ivan yavuze ko yitabiriye amatora azi neza akamaro kayo, ashimangira ko gutora abahagarariye urubyiruko bizabafasha gukomeza gufatanya n'abakuze mu bikorwa by'iterambere.

Ati: "Umuntu utorwa akajya mu Nama y'Igihugu y'Urubyiruko ni ukutuvuganira tukarwanya ubushomeri kuko hari ukuntu tuba dufite ibitekerezo ariko tukagira imbogamizi z'uko nta mafaranga nta gishoro, hakaba haboneka umwanya ku buryo iyo mishinga yumvwa bakareka ko ishoboka yatezwa imbere."

Yashishikarije urubyiruko bagenzi be gukomeza kwitabira amatora n'ibindi bikorwa bya Leta, kugira ngo bagire uruhare mu iterambere ry'Igihugu.

Bizimana Jean Claude na we yavuze ko kwitabira amatora ari ingenzi kuko bituma urubyiruko rugira uruhare mu guhitamo abazaruhagararira, bityo rukarushaho kubona serivisi zarwo ku gihe.

Ati: "Urubyiruko ni ngombwa ko rujya mu buyobozi kuko natwe iyo tugiye mu buyobozi bidufasha guhangana n'ibibazo. Nk'ubu hari gahunda Leta yashyizweho yo kurwanya ibiyobyabwenge n'inzoga; iyo rero twitabiriye ibikorwa bya Leta bidufasha gufata iya mbere mu kubirwanya."

Ku wa 7 Ugushyingo 2026 ni bwo hazaba amatora y'Abajyanama ku rwego rw'Umurenge baturuka mu byiciro byihariye. Hazaba kandi amatora y'abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu ku rwego rw'Umurenge, amatora y'Abajyanama b'Abagore bangana na 30% by'abagize Inama Njyanama y'Umurenge.

Kuri uwo munsi kandi ni bwo hazatangira ibikorwa byo kwiyamamaza ku bakandida bahatanira imyanya mu Nama Njyanama z'Uturere. Ibyo bikorwa bizakomeza kugeza ku wa 21 Ugushyingo 2026, bivuze ko abakandida bazaba bafite iminsi 15 yo kwiyamamaza.

Ku wa 14 Ugushyingo hazatorwa abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Abagore, Urubyiruko n'Abafite Ubumuga ku rwego rw'Uturere.

Ku wa 17 Ugushyingo hazatorwa abagore batanu bazaba bagize Inama Njyanama z'Uturere, mu rwego rwo kubahiriza ihame rya 30% by'abagore.

Ku wa 21 Ugushyingo hazatorwa Abajyanama umunani rusange bazaba bagize Inama Njyanama z'Uturere, mu gihe ku wa 24 Ugushyingo hazatorwa abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere na Komite Nyobozi y'Akarere.

Komite Nyobozi y'Akarere igizwe n'Umuyobozi w'Akarere n'Abayobozi b'Akarere bungirije babiri, umwe ushinzwe iterambere ry'ubukungu n'undi ushinzwe imibereho myiza y'abaturage.

Ku wa 28 Ugushyingo hazatorwa Komite Nyobozi z'Inama z'Abagore n'Inama y'Abafite Ubumuga ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, naho ku wa 30 Ugushyingo 2026 hatorwe abagize izi Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) ivuga ko ku wa 15 Ukuboza 2026 ari bwo inzego z'Inama z'Igihugu zizaba zuzuye, mu gihe raporo rusange y'amatora igomba gutangwa bitarenze ku wa 30 Ukuboza 2026.

Abayobozi bazatorerwa izi Nzego z'ibanze bazaba bafite manda y'imyaka itanu, ishobora kongerwa inshuro imwe binyuze mu yandi matora.





IMVAHO NSHYA

# Umurongo watanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku kwerekana abakekwaho ibyaha

***Kwereka itangazamakuru abantu bakekwaho ibyaha ni imwe mu ngingo zikomeje guteza impaka, cyane cyane ku mbuga nkoranyambaga. Abantu benshi bibaza niba iki gikorwa, gikunze gukorwa n'inzego z'ubugenzacyaha, kidashobora kubangamira ihame ry'uko umuntu wese afatwa nk'umwere kugeza igihe urukiko rubifitiye ububasha rumuhamije icyaha.***

Iki kibazo gifite uburemere kuko umuntu ashobora kugaragazwa mu itangazamakuru akiri mu gihe cy'ipererereza, ariko nyuma akazagirwa umwere n'urukiko. Iyo bigenze bityo, amakuru yamaze gukwirakwira ashobora kugira ingaruka ku cyubahiro cye, ku muryango we no kubuzima bwe bwite, cyane cyane muri iki gihe amakuru akwirakwira vuba ku mbuga nkoranyambaga.

Ihame ryo gufatwa nk'umwere

Ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda iteganya ko umuntu wese afatwa nk'umwere kugeza igihe urukiko rubifitiye ububasha rumuhamije icyaha. Iri hame rizwi nka 'presumption of innocence' risobanura ko kuba umuntu akekwaho icyaha cyangwa akaba ari gukorwaho iperereza bitahita bivuga ko icyaha cyamuhamye.

Iri hame rinagaruka mu ngingo ya 107 y'Itegeko rigenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, iteganya ko ukurikiranyweho icyaha afatwa nk'umwere igihe cyose urubanza rutaramwemeza icyaha burundu.

Bityo, ikibazo cy'ingenzi si ukumenya gusa niba umuntu ukekwaho icyaha ashobora kugaragazwa mu itangazamakuru, ahubwo ni ukumenya uburyo agaragazwamo n'uko amakuru amwerekeye atangazwa, kugira ngo bitamutera gufatwa nk'uwamaze guhamwa n'icyaha.

Urubanza rwa Me Murangwa Eduard

Iki kibazo cyageze mu Rukiko rw'Ikirenga mu rubanza RS/INCONST/SPEC 00001/2022/SC, aho Me Murangwa Eduard yareze Leta y'u Rwanda, asaba Urukiko gusuzuma niba ingingo zitandukanye z'Itegeko No 12/2017 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB) n'iz'Itegeko No 027/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha zihuye n'Itegeko Nshinga.

Mu byo yasabaga harimo no gusuzuma ububasha bw'inzego z'ipererereza bwo kwereka itangazamakuru abantu bakekwaho ibyaha, ndetse no kubahatira kuvugana n'itangazamakuru.

Hari kandi ikibazo kijyanye n'amafoto n'amashusho by'abantu bakekwaho ibyaha bishyirwa mu bitangazamakuru cyangwa ku mbuga nkoranyambaga, ndetse n'uko byakurwaho mu gihe bibaye ngombwa.

Umurongo w'Urukiko rw'Ikirenga

Mu isesengura ry'iki kibazo, Urukiko rw'Ikirenga rwagaragaje ko RIB ifite inshingano zo gutanga amakuru ku bikorwa byayo kandi ko itabujijwe kwereka abanyamakuru umuntu ukekwaho icyaha.

Icyakora, gutanga amakuru ku bikorwa by'ipererereza bitandukanye no guhamya umuntu icyaha. Amakuru atangwa agomba gutangwa mu buryo bwubahiriza ihame ry'uko ukekwaho icyaha ari umwere kugeza igihe urukiko rubifitiye ububasha rumuhamije icyaha.

Ni ukuvuga ko kuba inzego z'ubugenzacyaha zifite ububasha bwo gutanga amakuru ku bikorwa byazo bidaha uburenganzira bwo kwerekana umuntu cyangwa kumuvugaho mu buryo butuma rubanda rumufata nk'uwamaze guhamwa n'icyaha.

Bityo, ntabwo umurongo w'Urukiko rw'Ikirenga usobanuye ko nta muntu ukekwaho icyaha ushobora kugaragazwa mu itangazamakuru ahubwo ushimangira ko ububasha bwo gutanga amakuru bugomba gukoreshwa mu buryo bwubahiriza Itegeko Nshinga n'uburenganzira bw'umuntu ukekwaho icyaha.

Ni ngombwa rero kureba ibintu birimo uburyo umuntu agaragazwamo, amagambo akoreshwa, impamvu yo gutanga amakuru n'ingaruka ayo makuru ashobora kugira ku burenganzira n'icyubahiro cye.

Ese uwagaragajwe nk'ukekwaho icyaha ashobora gusaba indishyi?

Iki kibazo kirushaho kuba ingorabahizi iyo umuntu yagaragajwe nk'ukekwaho icyaha, nyuma urukiko rukamugira umwere. Icyo gihe havuka ikibazo cyo kumenya niba icyubahiro cye gishobora gusubirana uko cyari mbere y'uko amakuru amwerekeye akwirakwira.

Hari aho usanga havugwa ko, iyo umuntu yagizwe umwere kandi rubanda rukaba rwaramenyeshejwe ko akurikiranyweho icyaha, hakwiye no kumenyekanishwa uwo mwanzuro kugira ngo rubanda rumenye ko atahamijwe icyaha.




Umurongo watanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku kwerekana abakekwaho ibyaha

Iki kibazo kirushaho kugira uburemere iyo icyaha umuntu yakekwagaho ari icyaha gisebya-cyangwa gishobora kumusigira icyasha mu muryango no muri sosiyete.

Gusa, kuba umuntu yaragizwe umwere ntibihita bivuga ko agomba guhabwa indishyi nubwo ku rundi ruhande, kuba yaragaragajwe nk'ukekwaho icyaha na byo bitamwambura uburenganzira bwo kuzisaba.

Ikibazo cy'indishyi gishobora gusuzumwa hashingiwe ku buryo igikorwa cyakozwemo, niba cyari gishingiye ku mategeko, niba hari uburenganzira bwahungabanyijwe ndetse n'ingaruka uwo muntu yagize. Bityo, uburenganzira bwo gusaba indishyi n'uko zatangwa bigomba gusuzumwa hashingiwe ku mategeko n'ibimenyetso bya buri kibazo.

Hari n'ingero zagiye zigaragaza uburemere bw'ingaruka amagambo atangazwa ku muntu ukekwaho icyaha ashobora kugira ku cyubahiro cye.

Urugero mu Burengerazuba bwa Australia, urukiko rwahaye Lloyd Rayney indishyi z'akababaro zingana na miliyoni 2,6 z'amadolari ya Australia mu rubanza rwari rushingiye ku kwangiza izina n'icyubahiro (defamation). Ibi byakurikiye amagambo yavuzwe n'Umupolisi Mukuru, DSS Lee, mu kiganiro n'itangazamakuru cyo ku wa 20 Nzeri 2007, amagambo yagaragazaga Rayney nk'uwashoboraga kuba yaragize uruhare mu iyicwa ry'umugore we.

Urwo rugero rugaragaza ko amagambo atangazwa n'abayobozi cyangwa inzego z'umutekano ashobora kugira ingaruka zikomeye ku cyubahiro cy'umuntu, cyane cyane iyo atangajwe mu gihe iperereza cyangwa urubanza bitararangira.

Ku rundi ruhande, Urukiko rw'u Burayi rushinzwe Uburenganzira bwa Muntu na rwo rwagiye rushimangira ko inzego za Leta zigomba kwitonda mu magambo zikoresha iyo zivuga ku muntu ukekwaho icyaha. Mu rubanza rwa Kaya v. Belgium, Urukiko rwagaragaje ko amagambo y'umushinjacyaha yatangarijwe mu itangazamakuru

ashobora gutuma rubanda bemera ko uregwa ari umunyabyaha, bityo bikabangamira ihame ryo gufatwa nk'umwere.

Kuringaniza uburenganzira bwo kumenya amakuru n'ubw'ukekwaho icyaha

Abaturage bafite uburenganzira bwo kumenya amakuru ajyanye n'ibyaha n'ibikorwa by'inzego z'ubutabera, cyane cyane ku bibazo bifitiye rubanda akamaro. Ariko ubwo burenganzira bugomba kuringanizwa n'uburenganzira bw'umuntu ukekwaho icyaha bwo gufatwa nk'umwere no kurinda icyubahiro cye.

Urubanza rwa Murangwa Eduard rugaragaza ko ububasha bwo gutanga amakuru ku bikorwa by'ipererereza budakwiye kwitiranywa no guhamya umuntu icyaha mbere y'uko urukiko rubifitiye ububasha rubikora.

Bityo, ikibazo cyo kumenya niba kwerekana abakekwaho ibyaha binyuranyije n'Itegeko Nshinga ntigikwiye gusubizwa mu buryo bworoshye ngo ni "yego" cyangwa "oya". Icy'ingenzi ni uburyo bikorwa, impamvu bikorwa, amagambo akoreshwa n'uko hubahirizwa ihame ryo gufatwa nk'umwere.

Muri make, inzego z'ubugenzacyaha zishobora kugira impamvu n'inshingano zo kugeza ku baturage amakuru ku bikorwa by'ipererereza. Ariko mu kubikora, zigomba kwirinda uburyo bwose bushobora gutuma ukekwaho icyaha agaragazwa nk'uwamaze guhamwa n'icyaha.

Ni na ho hakenewe kuringaniza ibintu bibiri by'ingenzi: uburenganzira bw'abaturage bwokumenya amakuru n'uburenganzira bw'umuntu ukekwaho icyaha bwo gufatwa nk'umwere no kurindwa icyubahiro cye.

Iri hame ni ingenzi cyane cyane muri iki gihe amakuru ashobora gukwira mu buryo bwihusekandi akaguma kuri internet igihe kirekire, n'iyo nyuma yaho umuntu yaba yagizwe umwere.

Yanditswe na NISINGIZWE A. Jean Baptiste, umunyamakuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru (RBA) akaba n'umunyeshuri wiga mu Ishuri Rikuru ryigisha rikanateza imbere Amategeko (ILPD).

# USA: Nshimiye wahishe uruhare rwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi yafunzwe

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ubutabera bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) bwatangaje ko bwataye muri yombi, Eric Tabaro Nshimiye w'imyaka 54 y'amavuko, nyuma yo kubona ibihamya bidashidikanywaho ko amaze imyaka igera kuri 30 yarahishe uruhare akekwaho muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***



**Ubutabera bwa USA bwatangaje ko bwataye muri yombi, Eric Tabaro Nshimiye ukurikiranyweho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Uyu mugabo utuye mu Mujyi wa Uniontown wa Leta ya Pennsylvania yatawe muri yombi n'inzego z'ubutabera z'i Boston muri Leta ya Massachusetts ku wa Kabiri tariki ya 27 Ukwakira nk'uko byatangajwe n'Ishami ry'Ubutabera rya Guverinoma ya USA.

Eric Tabaro Nshimiye unazwi ku mazina ya nyayo ya Eric Tabaro Nshimiyimana, akurikiranyweho ibyaha bine bifitanye isano no kubeshya n'ikindi cyaha kijyanye no kugerageza kubangamira ubutabera. Ubutabera bwa Amerika buvuga ko Nshimiye akekwaho kubeshya Inteko iburanisha mu rubanza rwa Jean Leonard Teganya ufungiwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, rwabaye mu 2019.

Intumwa Nkuru ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Leah B. Foley yagize ati: "Eric Tabaro Nshimiye yabagaho mu rusobe rw'ibinyoma no kubeshya. Yabonye ubuhungiro muri iki Gihugu nyuma yo kubeshya abayobozi bashinzwe abinjira n'abasohoka ku ruhare rwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi maze asibanganya ibyaha yakoreye Abatutsi. Leta Zunze Ubumwe za Amerika zirinda abahohotewe ntizirinda abanyabyaha ruharwa. Uyu mwanzuro w'ubutabera ugamije guharanira ko Nshimiye adakomeza kwihisha inyuma y'ibinyoma bye."

Intumwa Nkuru yungirije, A. Tysen Duva na we yashimangiye ko iki ari cyo gihe ngo Nshimiye aryozwe ibyaha akekwaho, yishyure n'ingaruka zo kubeshya inzego z'Igihugu za USA.

Ati: "Mu gihe kigera ku myaka 30, uyu muburanyi yahishe uruhare yagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'ibyaha ndengakamere yakoze. Nk'aho ibyo bidahagije, yabeshye abayobozi b'Urwego rushinzwe Abinjira n'Abasohoka kugira ngo ahabwe uburenganzira bwo kuba umuturage wa USA. Yanabeshye Inteko iburanisha kugira ngo yirinde hamwe na mugenzi we bafatanyije gukora Jenoside."

Yongeyeho ati: "Ubu rero agiye guhura n'ingaruka z'ibyaha yakoze, tunashimira ubutwari bw'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ubushishozi bw'abashinjacyaha bacu hamwe n'abashinzwe kubahiriza amategeko, baharaniye ko Nshimiye atazigera yiyambura ahahise he."

Inzego z'ubutabera za Amerika zivuga ko icyaha cyo kubangamira inzego z'ubutabera nikimuhama kizamuhesha igihano cy'imyaka 10 y'igifungo, imyaka itatu yo gukurikiranwa ari hanze ndetse n'ihazabu y'ibihunbi 250 by'amadolari ya Amerika, ni ukuvuga miliyoni zisaga 369 z'amafaranga y'u Rwanda.

Icyaha cyo kubeshya inzego za Leta na cyo kimuhesha igihano cy'imyaka itanu y'igifungo, imyaka itatu yo gukurikiranwa ari hanze n'ihazabu y'ibihumbi 250 by'amadolari ya Amerika. Ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi na byo azabikurikiranwaho hashingiwe ku mategeko mpuzamahanga.

Jeffrey Grimming, Umuyobozi w'Agateganyo w'Ishami rishinzwe Iperereza muri New England, yavuze ko Nshimiye yari ikirura cyambaye uruhu rw'intama, aho yigaragazaga nk'impunzi kandi yarabaye umwicanyi ruharwa mu Rwanda. Mu myaka ikabakaba 30 yabagaho mu nzozi za Amerika yubakira ubuzima ku ruhurirane rw'ibinyoma. Uyu munsi ubutabera bushyize iherezo kuri icyo kinyoma no kubangamira inzego z'ubutabera.

Yakomeje agaragaza ko ubu butabera bugenewe abagizweho ingaruka na Jenoside yakorewe Abatutsi basangije inzego za Amerika ubuhamya bwabo, aho badahwema kuzenguruka Isi bavuga amateka yijimye yababayeho banasaba ko Nshimiye yagezwa mu butabera. Ati: "Turabashimira twivuye inyuma ku bw'umusanzu n'ubwitange byabo."

Umucamanza Mukuru F. Dennis Taylor IV, yashyize urubanza rwa Nshimiye ku wa 26 Mutarama 2027. Ubushinjacyaha bugaragaza ko bufite ibihamya ko Nshimiye yagize uruhare mu kwica abagabo, abagore n'abana b'Abatutsi abakubita ubuhiri bufite imisumari ku mitwe abandi akabatemesha imihoro.

Umwishywa wa Nshimiye witwa Bizimana Epa, atanga ubuhamya ko nyirarume yagiye muri USA mu mwaka wa 1995 akaba yari amaze kubaka ubuzima nka Enjiniyeri (Engineer), ariko akamurengera avuga ko atemera ko ari we wakoze ibyaha akurikiranyweho.

Nshimiye yafashwe nyuma yo kwitaba Urukiko rw'Ibanze rwo mu Karere k'Amajyaruguru ya Ohio ahitwa Youngstown, ariko ubu azahera mu Rukiko rw'Ibanze rwa Boston.

Inzego z'ubutabera za Amerika zivuga ko iki gihugu kitazigera cyemera kuba ijuru rito ku banyabyaha n'abangiza uburenganzira bwa muntu, kuko amategeko arinda abashaka ubuhungiro abereyeho kurengera abahohotewe gusa.

Nshimiye yakoze Jenoside yiga muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda

Inyandiko zashyikirijwe ubutabera bwa Amerika zigaragaza ko Nshimiye yari umunyeshuri wiga ubuganga mu yahoze ari Kaminuza Nkuru y'u Rwanda (UNR) i Butare.

Nshimiye na mugenzi we Teganya bari bazwi cyane nk'abanyamuryango bakomeye b'Ishyaka rya MRND ryari ku butegetsi bwateguye bukanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Muri Mata 1994, Nshimiye na Teganya ndetse n'abandi banyeshuri bari abahezanguni, bayoboye ibitero byicanye ubugome Abatutsi, aho babanzaga kubakubita ubuhiri bushinzeho imisumari maze bakababahorahoza babatemesha imihoro.

By'umwihariko, Nshimiye ashinjwa kwica umwana w'umuhungu w'imyaka 14 n'umugabo wadodaga amataburiya y'abaganga bakoraga mu Bitaro bya Kaminuza bya Butare (CHUB).

Abatangabuhamya bagaragaje ahantu hatandukanye uyu Nshimiye yakoze ubwicanyi ndetse banashushanyiriza ubutabera intwaro gakondo Nshimiye yitwazaga. Binavugwa ko Nshimiye yanagize uruhare mu gusambanya Abatutsikazi mbere yo kubica urw'agashinyaguro.





# "Bisesero, The Hills of Resistance" – Filimi izagaragaza ubutwari bw'Abatutsi birwanyeho muri Jenoside

**MICOMYIZA BARINDA Fidele**

***Filimi "Bisesero, The Hills of Resistance", irimo gutuganywa ishingiye ku nkuru mpamo y'uburyo Abatutsi bo mu Bisesero bahanganye n'Interahamwe, abasirikare n'Abajandarume babagabyeho ibitero bagamije kubatsemba mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***



**Filimi 'Bisesero, The Hills of Resistance' izagaragaza uburyo Abatutsi bo mu Bisesero bagerageje kwirwanaho muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Imvaho Nshya, Hall yavuze ko yatekereje gukora iyi filimi kuko hari inkuru nyinshi zerekeye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zikwiye kumenyekana, kugira ngo n'abazavuka mu bihe bizaza bazabashe kubona amakuru abafasha gusobanukirwa amateka y'ukuri.

Yagize ati: "Hari inkuru nyinshi cyane zerekeye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zikwiye gusangizwa abandi. Ni ingenzi guhora twongera kuvugurura uko ayo mateka asobanurwa, kugira ngo ab'ibihe bizaza bazagire aho bahera hizewe, bamenye amateka nyakuri." Yasobanuye ko "Bisesero, The Hills of Resistance" igenewe abareba filimi hirya no hino ku Isi.

Mu Bisesero, ubutwari bw'abateye kurwanira ubuzima

Hall yavuze ko mu gihe cyashize filimi nyinshi zigaruka kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zagiye zishingira cyane ku byabereye i Kigali, ariko ko izindi zitangiye kurenza amaso uyu Mujyi zikerekana n'amateka yabereye mu byaro, aho umuco n'imibereho by'Abanyarwanda bigaragarira kurushaho.

Yatanze urugero kuri Bisesero na 'Ben'Imana', avuga ko izi filimi zigaruka ku buzima bw'abaturage bo mu cyaro, zikerekana n'imibanire yabo. Yavuze ko filimi ye nshya igamije no kwibutsa abantu imibereho y'ubufatanye n'ubusabane byarangaga Abanyarwanda mbere y'uko amacakubiri azanwa n'abakoloni.

Yagize ati: "Nta filimi nyinshi zigaragaza intwari zo mu giturage, imiryango n'ubudaheranwa byaho. Ibyo ni ubutumwa bw'ingenzi tugomba kugeza ku bantu."

Ku bijyanye n'amateka yo mu Bisesero, Hall yavuze ko Abatutsi bagera ku bihumbi 50 bahahungiye bashaka ubuhungiro, bahanganye n'abashakaga kubica. Yasobanuye ko kurwanya abicanyi kw'Abatutsi bo muri ako gace ari amateka akomeye, cyane ko batari bemerewe gutunga intwaro.

Yagize ati: "Bisesero ni ahantu Abatutsi bagera ku 50 000 bahungiye bashaka ubuhungiro. Birara yari umuntu wari uzwi muri ako gace nk'umurwanyi n'umuyobozi. Iyo havugwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ibikorwa byo kwirwanaho ntibikunze kuvugwa cyane, nyamara byari bihari bisaba gufata ibyemezo bimwe na bimwe by'ubuhanzi, kuko bidashoboka kugaragaza buri kantu kose mu gihe gito filimi iba igenewe kumara.

Yasobanuye ko iyi filimi iteganyijwe kumara iminota igera ku 100, bityo ko bagombaga guhitamo uko bagabanya inkuru n'umubare w'abakinnyi kugira ngo abayireba bashobore gukurikira neza ibyabaye.

Yatanze urugero rw'umuryango wa Birara, avuga ko utagaragajwe wose kubera ko wari mugari, kandi ko kugaragaza buri wese byashoboraga gutuma abareba filimi batandukira mu kumenya amazina n'uruhare rwa buri muntu.

Yavuze kandi ko ibiganiro bimwe na bimwe bigaragara muri filimi byongeye kubakwa hashingiwe ku bushakashatsi bakoze, kuko batari bafite ibiganiro byinshi byabayeho byanditswe uko byavuzwe ijambo ku rindi.

Gusa, yavuze ko uko ibyabaye byakurikiranye bizwi neza, kandi ko filimi igaragaramo ibihe byinshi byihariye byasangiwe n'abagize itsinda ryayikoze.

Yongeyeho ko hari n'umuntu bashyize muri filimi utigeze abaho mu byabaye mu Bisesero, ahubwo akaba yarahanzwe n'abanditsi hagamijwe gufasha abareba gukurikirana inkuru no kugaragaza itandukaniro hagati y'icyiza n'ikibi.

Ku bijyanye no kubahiriza amateka y'abahuye n'izo ngaruka, Hall yavuze ko bageregeje kugaragaza byinshi bashingiye ku nkuru z'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, by'umwihariko Epiphanie, umukinnyi mukuru urokoka muri iyo filimi.

Yagize ati: "Nk'uko nabivuze haruguru, kubera ko filimi ifite iminota igera ku 100 gusa, twafashe ibyemezo bijyanye n'uburyo twagombaga kuyitunganya, tugerageza gushyiramo amakuru menshi uko bishoboka kose twifashishije ubuhamya bwa Epiphanie warokotse, ari na we mukinnyi mukuru ugaragara muri filimi."

Hall yavuze kandi ko filimi igaruka ku gahinda n'ubwigunge byatewe n'uko amahanga

**I Nyagatare, Hari bamwe biyita abapolisi bakiba moto** SOMA INKURU KU RUP.16

# “Bisesero, The Hills of Resistance” – Filimi izagaragaza ubutwari bw’Abatutsi birwanyeho muri Jenoside

IBIKURIKIRA URUP.15

yatinze gutabara Abatutsi bari kwicwa mu Bisesero, kandi bari bategereje ubufasha bw’ababaturutse hanze.

Abakinnyi b’Abanyarwanda bagize uruhare mu kunoza inkuru

Iyi filimi yakozwe ku bufatanye n’abakozi baturutse mu Rwanda, Afurika y’Epfo na Kenya. Hall yavuze ko uruhare rw’Abanyarwanda rwagize akamaro kanini mu buryo inkuru yateguwe n’uko yashyizwe mu mashusho. Yavuze ko abakinnyi bose ari Abanyarwanda, uretse Wale Ojo ukomoka muri Nigeria.

Yagize ati: “Abakinnyi bose ni Abanyarwanda, uretse Wale Ojo ukomoka muri Nigeria, bagize uruhare mu kongera kunoza inyandiko ya filimi mbere y’uko itangira gufatwa. Bahinduye bimwe mu bigize amashusho, bongera amagambo yabo mu biganiro by’abakinnyi, kandi bemererwa no gukoresha Ikinyarwanda mu bice bimwe na bimwe, nubwo filimi yakozwe mu Cyongereza igamije no kugera ku isoko mpuzamahanga”.

Hall yavuze ko benshi mu bakinnyi n’abandi bakoze kuri iyi filimi ari abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyangwa abana babo, kandi ko umuntu ashobora gufata rimwe gusa, cyangwa wenda kabiri. Abantu bose bakozwe ku mutima n’uburyo uwo mukinnyi yitwaye ndetse n’ukuri kw’ibyabaye, nubwo byari ibintu biteye ubwoba ku buryo bigoye kubyumva.”

bose ari Abanyarwanda bakuze mu gihe igihugu cyari mu rugendo rwo kwiyubaka.

Ati: “Ku bijyanye n’abagize itsinda ryose ryateguye n’abakinnye muri filimi, benshi muri bo ni Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyangwa abana b’Abarokotse Jenoside. Bose ni Abanyarwanda bakuze mu gihe Igihugu cyari mu rugendo rwo kwiyubaka nyuma ya Jenoside. Kuri bo, gukora iyi filimi byari ubutumwa n’inshingano ikomeye bari biyemeje. Kuba bari bafitanye isano ya hafi n’amateka yavugwagamo byatumye hari ibihe byinshi bibakora ku mutima cyane mu gihe cyo kuyikora.”

Ibihe byamugoye cyane

Mu bihe byamugoye cyane, Hall yavuze ko harimo amashusho agaragaza umubyeyi ubwira abandi bahungiye hamwe, ko abana be bari bamaze kwicwa n’Interahamwe. Yasobanuye ko ayo mashusho ashingiye ku buhamya nyakuri bahawe, kandi ko kuyafata byari bigoye kubera uburemere yari afite.

Yagize ati: “Ni amashusho yafashwe nijoro, maze ako kanya ibikorwa byo gufata amashusho birahagarikwa kuko nta muntu wari ugishoboye gukomeza nyuma y’ibyari bimaze kuvugwa.

Filimi igamije kurwanya ihakana n’ipfobya rya Jenoside

Hall yavuze ko iyi filimi itagamije gusa kwerekana ubutwari bw’Abatutsi bo mu Bisesero, ahubwo inagamije gufasha abantu bo mu mahanga kumenya amateka nyakuri ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu gihe hakomeje kugaragara ihakana n’ipfobya ryayo.



Abakinnyi b’iyo filimi biganjemo Abanyarwanda cyane, ibyatumye inkuru yayo irushaho kumvikana



Richard Hall wakoze “The 600” ni we uri gukora na “Bisesero , The Battle of Resistance”

Yavuze ko iyi filimi yasuzumwe n’inzego za Leta zibishinzwe kugira ngo harebwe niba amateka agaragazwa muri yo ahuye n’ukuri.

Yagize ati: “Intego yacu irasobanutse ni ugukora filimi ituma nta gushidikanya gusigara ku byabaye n’impamvu za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.”

Yavuze ko yizeye ko iyi filimi, ikozwe mu buryo bwiza kandi ifite inkuru yumvikana, izafasha abanyamahanga gusobanukirwa neza amateka y’u Rwanda.

Hall yavuze ko urubyiruko rw’u Rwanda, cyane cyane abavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, rukwiye gukura muri aya mateka isomo ry’ubutwari no kurinda ukuri.

Igihe filimi izerekanirwa mu Rwanda

Nubwo amashusho atangaza [Trailer] ya ‘Bisesero, The Hills of Resistance’ yamaze gushyirwa hanze, Hall yavuze ko filimi yose itararangira kandi ko uburyo izagezwa ku bayireba butaremezwa.

Yasobanuye ko ubusanzwe abakoze filimi babanza kuyereka ibigo n’abashoramari bagaragaza ubushake bwo kuyerekana, kugira ngo barebe uko izakirwa n’abayireba, mbere yo gufata umwanzuro ku buryo izasohokamo.

Kugeza ubu, nta cyemezo kirafatwa ku kuba izerekanwa mu makinamico, mu iserukiramuco rya sinema cyangwa ku mbuga zitanga filimi kuri murandasi.

Gusa, Hall yavuze ko mu gihembwe cya mbere cya 2027 hateganyijwe igikorwa cyihariye cyo kuyereka Abanyarwanda, barimo Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n’imiryango ifitanye isano n’amateka ya Bisesero nubwo itariki nyirizina itaramenyekana.

Yasobanuye ko inkuru yayo itangira igaragaza ubuzima n’imibereho y’abaturage, igakomeza igaragaza kwanga guheranwa n’amahano, ariko ikarangira mu bihe by’akaga gakomeye.

Abajijwe icyo nyuma yo gukora filimei“The 600” na “Bisesero, The Hills of Resistance”, yifuza ko abayireba basigarana nk’isomo, Richard Hall yagize ati: “Nifuza ko bayivanamo isomo ry’uko ubutwari, nubwo hari igihe kubugira bigorana, ari ingenzi mu kurinda ibyo duha agaciro. Umuntu akwiriye guharanira ukuri kandi akaguhagararaho.”





# REG irakangurira abatema ibiti kwirinda kwangiza imiyoboro y’amashanyarazi



Iyo ibiti byatemwe bigwiriye ibikorwa remezo by’amashanyarazi, kongera kubisana bitwara imbaraga nyinshi

NGABOYABAHIZI Protais

***Sosiyete y’u Rwanda Ishinzwe Ingufu (REG) irakangurira abantu bafite impushya zo gutema ibiti kubanza kugisha inama no gukorana n’Ishami rya REG ririmo ibyo biti bizasarurwa kugira ngo birinde kwangiza imiyoboro y’amashanyarazi n’ibindi bikorwa remezo rusange bifite akamaro buri wese, harimo n’insinga z’amashanyarazi.***

Ubu butumwa bwa REG buje mu gihe hakomeje kugaragara iyangizwa ry’imiyoboro n’insinga z’amashanyarazi biturutse ku bikorwa byo gutema ibiti kandi bikagira ingaruka ku baturage, ku bikorwa by’ubucuruzi n’ibindi.

Abaturage baganiriye na Imvaho Nshya na bo bahamya ko gutema ibiti mu buryo butateguwe neza bibateza ibihombo biturutse ku gihe bamara umuriro utaragaruka kandi ubafasha mu iterambere.

Muhire Elias wo mu Murenge wa Kanzenze mu Karere ka Rubavu, yagize ati: “Ikibazo cy’ibiti byangiza insinga z’amashanyarazi kijya kihaba, kuko hari igihe umuntu ashobora gutema igiti atabanje kureba aho insinga zinyura, kikazigwaho, kikazangiza. Ibyo rero biteza ikibazo ku batuye muri ako gace”.

Nkundabatware wo mu Murenge wa Musanze, Akarere ka Musanze na we yagize ati: “Ni byiza gukumira ikibazo mbere y’uko kiba aho kuzategereza ko cyangiza byinshi. REG ifite ubumenyi ku miyoboro y’amashanyarazi kandi ishobora gutanga amabwiriza afasha abantu gukora icyo gikorwa mu mutekano.”

Umuyobozi wa REG Ishami rya Musanze, Batangana Régis yavuze ko abakozi ba REG baba biteguye gutanga ubufasha aho abantu basarura ibiti kandi byegereye ibikorwa remezo by’amashanyarazi.

Yagize ati: “Ubusanzwe, mu gusarura ibiti habaho gusaba uruhushya, iyo rero warubonye uba usabwa kwegera Ishami rya REG rikorera aho ugiye kubisarura, mukagirana imikoranire mu gihe cyose ubona ko bihereye ahantu hasanzwe imiyoboro y’amashanyarazi.”

Yongeyeho ati: “Tugenda tubona abantu batabyubahiriza bigateza impanuka zangiza kandi zishobora no guteza urupfu kuko haba harimo umuriro. Aho twavuga twabibonye harimo nka Kinigi, Shingiro, Kimonyi, Nyange, Gataraga na Muhoza muri aka Karere ka Musanze. Henshi byatewe n’abatemaga ibiti rwihishwa ariko nubwo ari bake ingaruka zo ziba ziba ziremeye ku baturage.”

REG ivuga ko abantu bakwiye kumenya ko hari n’ibihano biteganywa kandi byari kwirindwa kuko iyo bafashwe REG ibakorera igenagaciro ku bijyanye n’ibyangijwe ndetse hakabaho no kugereranya umuriro utacurujwe muri ako gace kubera iyangirika ry’imiyoboro yangijwe n’ibyo biti byatemwe nabi maze uwabigizemo uruhare yaba umuntu ku giti cye cyangwa se ikigo bagasabwa ku byinshyura, ndetse ntabwo bigarukiraho bashyikirizwa n’ubutabera.

Uretse kuburira abangiza ibikorwa remezo by’amashanyarazi binyuze mu gutema ibiti rwihishwa, REG inaburira abandi biba insinga cyangwa ibindi bikoresho by’amashanyarazi ko ubifatiweho ahanwa bikomeye kuko na byo biteza igihombo ku gihugu no ku baturage begerejwe ibikorwa remezo ngo bibafashe.

# Nyamagabe: Bakomeje guhangana n’Ingengabitekerezo ya Jenoside yo ku ishyiga

BYUKUSENGE Annonciata

***Mu gihe u Rwanda rwahisemo inzira y’Ubumwe n’Ubudaheranwa mu kubanisha neza Abanyarwanda, hari bamwe mu babyeyi bagifite ingengabitekerezo ya Jenoside ndetse abana babo bakaba baramaze gucengerwa na yo nk’uko byagaragaye mu bigo by’amashuri byo mu Karere ka Nyamagabe mu bihe bitandukanye.***

Minisiteri y’Ubumwe bw’Abanyarwanda n’Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) yemeza ko umwaka ushize wa 2025 hagaragaye ingengabitekerezo mu Rwunge rw’Amashuri rwa Gisanze (GS Gisanze) mu Murenge wa Tare, aho abana b’imyaka 15 na 16, umwe yabwiye undi ko ingaruka za Jenoside ari nziza. Uwo mwana yaravuze ati: “Jenoside ni nziza kuko Abatutsi barapfuye Abahutu babona amasambu yo guhingamo. Iyo badapfa, Abahutu bari guhinga he?”

Ingengabitekerezo ya Jenoside kandi yagaragaye mu Rwunge rw’Amashuri rwa GS Musebeya umwana yabwiye undi ati: “Imirongo ufite mu kiganza iragaragaza ko uri Umututsi...”

Mu biganiro by’ubumwe n’ubudaheranwa byahuje abaturage bo mu Karere ka Nyamagabe na Nyaruguru, Umuyobozi w’Akarere ka Nyamagabe Niyomwungeri Hildebrand, yavuze ko ikibazo cy’ingengabitekerezo ya Jenoside igaragara mu bana bamaze kukimenya ndetse banafashe ingamba zo kuyikumira bahereye mu mizi.



Akarere ka Nyamagabe karacyagaragaramo ingengabitekerezo ya Jenoside, ariko gakomeje guhangana nayo

Ati: “Ingengabitekerezo ya Jenoside igaragara mu bana, twamaze kubona ko bayikura ku ishyiga. Mu Rwunge rw’Amashuri rwa Gishesha (GS. Gishesha) mu Murenge wa Kibirizi, umwanya w’imyaka 12 y’amavuko yabwiye mugenzi we w’imyaka 13, ati: ‘ko uri Umututsi mwasigaye mute? Ubu nakwica nkakujyana mu Rwibutso rwa Murambi.’”

Akomeza avuga ko iyi ngengabitekerezo idakwiye kuba igaragara ku mwana w’imyaka 12, ahubwo ko ibyo avuga abikura ku babyeyi be cyangwa ibiganiro bivugirwa mu rugo.

Meya Niyomwungeri yongeyeho ko imbuga nkoranyambaga na zo zigira ingaruka iyo zikoreshejwe nabi, nk’uko byagaragaye ku bana bagaragaweho n’ingengabitekerezo ya Jenoside bo ku Rwunge rw’Amashuri rwa Ngororero.

Ati: “Abana babwiye abandi ko bamwe ari M23, abandi ari FDLR n’ibyapa babimanika ku ntebe. Hari aho usanga abarezi bigira ba ntibindeba ngo batiteranya, kuko ahenshi ntabwo babitangaho raporo. Aba bana bateranye amagambo nk’abantu bakora ibiganiro kuri YouTube batangira gushinjanya, ariko dukurikiranye dusanga babyumvira mu miryango yabo.”

Agaruka ku ngamba bafashe, Meya Niyomungeri yavuze ko hatangijwe ibiganiro by’ubumwe n’ubwiyunge mu Karere kose. Ati: “Kubera ko twamaze kubona ko intandaro y’ingengabitekerezo ya Jenoside mu bana ari abantu bakuru, ibiganiro twatangije bikorerwa ku rwego rw’Umudugudu aho bigera kuri buri muturage. Twizeye ko bizatanga umusaruro kuko abaturage batangiye guhindura imyumvire.”

Muri raporo y’ubushakashatsi bwakozwe na MINUBUMWE mu 2025 ku gipimo cy’ubumwe n’ubudaheranwa bw’Abanyarwanda, bugaragaza ko Akarere ka Nyamagabe kari ku mwanya wa cyenda n’amanota 96,6%, mu gihe igipimo cy’ubumwe n’ubudaheranwa mu gihugu buri ku gipimo cya 95,3%.

MINUBUMWE ishishikariza ababyeyi n’abarezi kwamaganira kure ingengabitekerezo ya Jenoside n’igisa na yo cyose gishobora kugaragara mu bato n’abakuru, kuko bisenya umuryango n’Igihugu muri rusange.

# Nari nzi ko ningera mu Rwanda bazahita banyica- Maj. (Demob) Kubwayo wahoze muri FDLR




**Maj. (Demob) Kubwayo Pierre**

**BYUKUSENGE Annonciata**

***Maj. (Demob) Kubwayo Pierre watahutse mu Rwanda avuye mu mitwe y'iterabwoba harimo FDLR, yashinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakore Abatutsi mu 1994, na FLN yahitanye abaturage i Nyaruguru mu 2019, yagaragaje uburyo yatahutse bigoranye afite ubwoba ko nagera mu Rwanda azahita yicwa.***

Mu buhamya yatanze mu biganiro by'ubumwe n'ubudaheranwa byahuje abaturage bo mu Turere twa Nyamagabe na Nyaruguru, Maj. (Demob) Kubwayo yavuze urugendo rw'imibereho ye n'uko yinjijwe mu gisirikare akiri umwana.

Maj. (Demob) Kubwayo yavukiye mu Murenge wa Musange, Akarere ka Nyamagabe. Yize amashuri abanza i Kaduha, mu 1990 yemererwa kwiga amashuri yisumbuye mu Rwunge rw'Amashuri rwa Runyombyi.

Ati: "Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaye niga mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye i Runyombyi. Twahungiye i Burundi, baza gushaka abasore bato bo kwinjiza mu nyeshyamba za CNDD-FDD, ntangira imyitozo ya gisirikare."

Akomeza avuga ko akigera mu gisirikare bahawe ubutumwa n'amabwiriza by'uko bagiye guhirika ubutegetsi mu Burundi, barangiza bakazaza no guhirika ubutegetsi mu Rwanda.

Inkomoko y'imikoranire ya FDLR na CNDD-FDD yatangiye ubwo Abarundi ba mbere batorezwaga i Gabiro n'izari ingabo za Leta y'u Rwanda FAR mu 1993. Ikindi cyiciro cyatorejwe i Mata mu Burundi mu 1994 aho Ex. FAR yohereje itsinda ryari riyobowena Lt. Col. Gasarabwe, Maj. Nkundimana Diogène, Lt. Muragijimana, Warranty OFFR ONE Ngerageze Jean, SMajor Uzabakiriho J. Damascene, na Cpl. Sebutimbiri.

Mu nyigisho zose aba Ex. FAR bahaye abarwanyi b'Abarundi, bibandaga cyane ku ngengabitekerezo ya Jenoside kandi imikorere ya CNDD-FDD ni imwe n'iya Ex. FAR.

Ati: "Natunguwe n'uko nasanze mu Burundi imyitozo ya gisirikare itangwa na Ex. FAR. Baduhaye imyitozo ya gisirikare, inyigisho z'ingengabitekerezo ya Jenoside, kwibasira ibikorwa by'Abatutsi aho biri hose, no kubatoteza. Nabaye mu nyeshyamba za CNDD-FDD imyaka ibiri, ni ukuvuga kuva mu 1994 kugera 1996."

Kubwayo yavuye i Burundi tariki ya 13 Gicurasi 1996 ajya mu nkambi ya Uvira. Yageze mu Nkambi ya Runingu tariki ya 14 Gicurasi 1996, ayivamo taliki ya 30/8 ajya mu nkambi ya Kagunga, ayivamo tariki ya 19 Ukwakira 1996 ahungira muri Tanzania ahagera tariki ya 7 Ugushyingo 1996."

Ati: "Nahungiye muri Tanzania, aho nasoreje amashuri yisumbuye muri Kanama 1999,mpava mu Ukuboza 2000 njya muri 'Forces Spéciales' za FAC ya DRC, ku butegetsi bwa Laurent Désiré Kabila. Izo ngabo zidasanzwe zari zigizwe n'aba Ex. FAR n'Interahamwe."

Hamada Habimana yoherezwaga na Rusesabagina.

Mu mwaka wa 2018 na 2019 umutwe w'iterabwoba wa FLN (Forces de Libération Nationale), w'Ihuriro rya Politiki MRCD, wagabye igitero mu Karere ka Nyaruguru, Umurenge wa Nyabimata, bihitana ubuzima bw'abantu icyenda.

Agaruka kuri ibi bitero, Kubwayo yagize ati: "Bampaye misiyo yo kubashakira inzira, kuko nari narabaye i Burundi igihe kinini, njyewe mbabwira ko bidashoboka ko batera u Rwanda. Byatumye nshwana na FLN, mbaha uwitwa Kaporali Sebutimbiri Faustin uvuka ahahoze ari Komini Nshiri muri Nyaruguru, ngo abe ari we ubibafashamo. Ibitero byabaye narasubiye muri DRC."

Tariki ya 13/12/2019, Kubwayo yafatiwe mu Burundi afungwa ashinjwa kuba maneko w' u Rwanda.

Ati: "Namaze imyaka ibiri muri gereza i Burundi, taliki ya 19/10/2021, ubwo Leta y'u Burundi yahaga u Rwanda imfungwa nanjye najemo. Kubera ko bajyaga batubwira ko uwinjiye mu Rwanda wese ahita yicwa, nanjye nahise numva bazahita banyica."

Yongeyeho ko umugore we n'abana bane basigaye i Burundi barabatoteza bashaka kubica.

Ati: "Kubera ko bari baramaze kuvuga ko ndi maneko w'u Rwanda, mu Burundi basigaye nta mutekano bafite.

Bahungiye muri Tanzania ahitwa Kigoma. Ngeze i Mutobo nabwiye ubuyobozi ko umugore wanjye n'abana bane bari muri Tanzania, ntanga imyirondoro n'aho baherereye. Tariki ya 22/11/ 2023, bambwiye ko bageze mu Rwanda bari mu nkambi ya Nyarushishi. Bavuye muri Tanzania banyura i Bujumbura bazanwa na CICR."

Uko ibiganiro by'ubumwe n'ubudaheranwa byafashije Kubwayo

Kubwayo avuga ko akigezwa mu Rwanda yahise ajyanwa mu kigo cy'i Mutobo kinyuzwamo abahoze ari abarwanyi mu mitwe yitwaje intwaro ngo bahabwe inyigisho zibafasha gusubira muri sosiyete no mu buzima busanzwe.

Ati: "Nagezeyo ndavuga ngo

KOMEZA KU RUP.19





## Nari nzi ko ningera mu Rwanda bazahita banyica Maj. (Demob) Kubwayo wahoze muri FDLR

IBIKURIKIRA URUP.18

menya butari bwire, burira, ndavuga ngo ubu baranyica nijoro, ariko ntawankozeho. Nahawe inyigisho zo gukunda Igihugu, abatashye mbere yacu bakaduha ubuhamya bw'uko biteje imbere, nsanga bimwe batubwiraga mu ishyamba ko utashye bamwica ari ikinyoma. Impamvu numvaga ko njyewe uko byagenda kose bazanyica, ni uko numvaga narakoze ibyaha biremereye."

Arangije igihe cyagenwe i Mutobo tariki ya 23/11/2023, Kubwayo yasubiye mu buzima busanzwe aho avuka i Nyamagabe, ariko asigarana ikibazo cy'uko umugore we n'abana be batanu bazataha. Yari afite impungenge z'uko FDLR izabica nimenya ko bashaka gutaha kuko ntabwo baba bashaka ko hari amakuru y'u Rwanda avugirwa mu nkambi z'impunzi.

Ati: "Ndi mu kigo cya Mutono navuganye n'umuryango wanjye wari i Kasulu muri Kigoma ya Tanzania, mbohereza itike banyura i Makamba mu Burundi baza i Bujumbura, aho CICR Burundi yabavanye ikabageza ku mupaka wa Ruhwa, CICR y' u Rwanda irabakira ibageza mu kigo cya Nyarushishi tariki ya 22/11/2023."

Kubwayo ashimira Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda ko ifite imiyoborere myiza kandi nta vangura habe no guheza uwo ari we wese.

Ati: "Ubu ndi Umunyarwanda nk'abandi bose, nta kibazo mfite nkora ibikorwa byo kwiteza imbere kandi aho biri ngombwa ntanga umusanzu wo kwiyubakira Igihugu. Ndagira ngo mbwire abantu bakiri mu ishyamba bafashwe bugwate na FDLR ko mu Rwanda ari amahoro. Ni batahe baze dufatanye kubaka urwatubyaye."

Yahamije ko iyo hatabaho ibiganiro by'ubumwe n'ubwiyunge, aba adatanga ubuhamya bw'uko yakize ibikomere akanagiriirwa imbabazi na Leta yagambiriye kugirira nabi.

# Kayonza: Abakoresha umuhanda FAWE-Videwo UR Rukara, ntibakigenda mu binogo



**Uyu muhanda washyizwemo laterite uratsindagirwa, nta kibazo cy'ubunyereri kikiharangwa**



**Abakoresha umuhanda Fawe Videwo muri Gahini bishimira ko wakozwe ugakurwamo ibinogo**

**HITIMANA Servand**

***Abaturage b'i Gahini n'abakoresha umuhanda wa FAWE-Videwo werekeza kuri Kaminuza y'u Rwanda (UR) ishami rya Rukara mu Karere ka Kayonza, barashimira ubuyobozi bwabakoreye umuhanda bari bamaze igihe basaba ko watunganywa ugakurwamo ibinogo, aho kuri ubu wakozwe ndetse ingendo zikaborohera.***

Uyu muhanda ureshya n'ibilometero 9, wakozwe hifashishijwe uburyo bwo gushyiramo igitaka gikomeye (Latelite) ukanatsindagirwa, abawukoresha bahamya ko ingorane bagiraga utarakorwa zavuyeho ubu basigaye boroherwa no gukoresha uyu muhanda mu ngendo zabo za buri munsi.

Mwanayidi Jannette agira ati: "Ubusanzwe uyu muhanda waratuvunaga kubera ko wari warangiritse, urimo ibinogo, ariko ubuyobozi bwaje kuwodukorera aho ubu hameze neza. Ni umuhanda uduhuza n'Umujyi wa Kayonza ndetse n'isoko ku buryo ukoreshwa cyane. Iyo imvura yagwaga byadusabaga kuzenguruka kubera ko wanyereraga, ariko bikanatinza umuntu uwukoresha."

Akomeza avuga ko akenshi abamotari batinyaga kuwunyuramo, by'umwihariko igihe imvura yabaga yaguye, bigatuma ababaga bagiye nk'I Kayonza bibasaba kurarayo kugira ngo bazatahe ari uko inzira yongeye kuba nyabagendwa.

Ati: "Gutinda gutaha uva i Kayonza imvura yaguye byasabaga ko wirarirayo ugakodesha aho kuryama kuko abamotari batinyaga kuhaza. N'iyo wabonaga ukuzana yagucaga amafaranga menshi ugasanga niba ucuruza uri gukorera mu gihombo."

Mutabazi Fils ukorera akazi ko gutwara moto i Gahini, avuga ko gukora uyu muhanda byabaye igisubizo ku bantu benshi.

Ati: "Ikorwa ry'uyu muhanda ryafashije abatwara abagenzi ndetse n'abagenzi yaba abatega n'abakoresha amaguru. Nkatwe twawutindagamo ibinyabiziga byacu byiceka mu binogo bigatuma byangirika. Uyu munsi hari itandukaniro kuko umeze neza niba mwabyitegereje, ugendeka neza nta gihe tumara mu nzira, ni ibyo gushimira ubuyobozi muri rusange."

Abanyeshuri biga muri Kaminuza iri i Rukara na bo bavuga ko gukora uyu muhanda byabaye igisubizo kuri bo. Uwera Dalia yagize ati: "Njye naje kwiga hano uyu muhanda utarakorwa. Byarantonze cyane kuko nari mvuye mu mujyi ntaramenyereye kugenda ndwana n'ibyondo. Ndabyibuka ko moto yanzanye hari aho twageze mvaho turayisunika n'inkweto zanjye zirahacikira. Nishimiye ko umuhanda wakozwe aho ubu ugendeka nta kwinubira kuza ku ishuri mpangayikishijwe no kuba imvura yaguye."

Kuba uyu muhanda usigaye ukoreshwa cyane bitewe n'ibikorwa remezo biri mu gace werekezamo, abawukoresha na bo bavuga ko byazaba akarusho babonye wagiyemo na kaburimbo.

Mutuyimana Emmy agira ati: "Turashima ndetse cyane! Gusa turebye uko iyi santere yacu ya Videwo iri gukura, n'urujya n'uruza ruhari kubera iyi kaminuza, byazarushaho kuba byiza hanashyizwemo kaburimbo. Nubwo turi kugenda neza nta bunyereri n'icyondo ariko na kaburimbo yazaturinda n'ivumbi mu gihe cy'izuba, ariko inatuma aho inyura hagira isura nziza."

Mutegwaraba Doline na we yagize ati: "Bitabaye kugondoza ubuyobozi bikaba bishoboka ko twashyirirwamo kaburimbo byaba ari igisubizo kirambye cyane kuri uyu muhanda. Nkatwe ducururiza hano umuhanda uradufasha mu buryo bwo kwihutisha kugerwaho n'ibicuruzwa ariko nanone nko mu giuhe cy'izuba iyo harimo ibinyabiziga byinshi ubu twiteze kuzahura n'ikibazo cy'ivumbi. Nibikunda na kaburimbo ababishinzwe bazayitekerezaho."

Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza, Hategekimana Fred yabwiye Imvaho Nshya ko uyu muhanda wakozwe hashingiwe ku byifuzo by'abaturage bawufataga nk'igisubizo ku ngendo zabo.

Ati: "Abaturage bari baragaragaje ko bafite ikibazo cy'imigendere muri uyu muhanda kandi wifashishwa cyane, biba ngombwa ko hategurwa uburyo bwo kuwutunganya. Warakozwe rero kandi natwe nk'ubuyobozi twishimira ko uri gufasha abawukoresha koroherwa mu ngendo zabo. Ibijyanye na Kaburimbo na byo bizaza uko ubushobozi bugenda buboneka."

Byitezwe ko uyu muhanda uzakomeza kwitabwaho na barwiyemezamirimo b'urubyiruko bakora mu bikorwa byo kwita ku mihanda, bakazawukora kugeza hashyizwemo kaburimbo izanakomereza ku Bitaro bya Gahini uciye kuri Videwo na Kaminuza y'u Rwanda Koleji ya Rukara.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kayonza buhamya ko ibyo bikorwa byose biteganijwe ko bizarangirira bitwaye miliyari isaga 1,5 y'amafaranga y'u Rwanda.

# MINAGRI igiye guha aborozi ingemwe miliyoni 15 z'urubingo

**HITIMANA Servand**

***Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) yatangaje ko igiye gutanga ingemwe z'urubingo miliyoni 15 ruzwi nka Juncao, ruzaterwa hirya no hino mu gihugu, kugira ngo zifashe aborozi guhinga ubwatsi bw'amatungo no guhangana n'ikibazo cy'ibura ryabwo.***



Ingemwe z'urubingo zigera kuri miliyoni mu Karere ka Nyagatare

Muri izo ngemwe, izigera kuri miliyoni ebyiri zizahabwa aborozi bo mu Karere ka Nyagatare, ari na ho iki gikorwa cyatangirijwe.

Ibi byatangajwe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr Uwituze Solange, ku wa Kane tariki ya 30 Ukwakira 2026, ubwo yatangizaga igihembwe cyo guhinga ubwatsi mu Karere ka Nyagatare.

Iki gikorwa MINAGRI igifatanyamo n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Biribwa n'Ubuhinzi (FAO), kigamije gufasha aborozi kubona ubwatsi buhagije, cyane cyane mu bihe by'izuba, aho ibura ryabwo rigira ingaruka ku buzima bw'amatungo no ku musaruro w'amata.

Dr. Uwituze yavuze ko nubwo aborozi bamaze gusobanukirwa akamaro ko gukora ubworozi bwa kinyamwuga, bakomeje guhura n'imbogamizi zirimo kubura ibyo kugaburira amatungo.

Yagize ati: "Aborozi bacu bamaze gusobanukirwa ko bagomba gukora ubworozi bwa kinyamwuga, ubworozi bubinjiriza amafaranga. Mu mbogamizi zagaragaye muri uyu mwuga harimo ikibazo cyo kugaburira amatungo, cyane cyane aho mu gihe cy'izuba usanga hari aborozi bapfusha inka kubera kubura icyo zirisha."

Yakomeje avuga ko ari yo mpamvu MINAGRI yashyizeho gahunda yo gufasha aborozi kubona imbuto z'ubwatsi no kubaherekeza mu kubuhinga.

Ati: "Ni muri urwo rwego rero, ku bufatanye n'abafatanyabikorwa bacu, hashyizweho gahunda yo gufasha aborozi guhinga ubwatsi, tukabafasha kubona imbuto zabwo ndetse tukanababerekeza mu buryo bwo kubaha ubujyanama mu kubhinga.

Ubu tugiye gutanga imbuto y'urubingo igera kuri miliyoni 15 mu gihugu hose. Aha twatangiriye muri Nyagatare, tukaba twabazaniye ingemwe miliyoni ebyiri."

Yasabye aborozi kwitabira iyi gahunda, bagahinga ubwatsi buhagije kugira ngo babashe kugaburira amatungo yabo, bongere umukamo kandi binjize amafaranga.

Ati: "Turabasaba kwitabira iyi gahunda yo guhinga ubwatsi Leta ibahaye, hanyuma namwe mukazaha bagenzi banyu igihe muzaba mwasaruye. Bizatuma benshi babugeraho, biduhe umukamo mwinshi twifuza, bityo n'aborozi bibinjirize amafaranga."

Aborozi bo mu Karere ka Nyagatare bagaragaje ko iyi gahunda izabafasha guhangana n'ikibazo cy'ibura ry'ubwatsi, cyatumye bamwe bahomba inka mu gihe cy'izuba giheruka.

Njenje Steven yavuze ko bishimiye inkunga ya Leta, ashimangira ko ibihe by'izuba byabigishije ko ubworozi budakwiye gushingira gusa ku mvura.

Yagize ati: "Ni ukuri turashima uburyo Leta ishyigikira ubworozi bwacu. Iyi gahunda turayitabira ku bwinshi kuko ije dusohotse mu cyanda cyabaye kirekire, inka zacu zigapfa twabuze ubwatsi.

Iki kibazo twahuye na cyo muri iyi mpeshyi cyaduhaye isomo ko nta mworozi ukwiye korora acungira ku kirere gusa ngo aragire imvura. Iyo itaguye inka zishira. Tugiye guhinga ubu bwatsi kandi neza."

Kayisire Deny na we yavuze ko biteguye guhinga ubwatsi kugira ngo bahindure imikorere, bave ku bworozi bwa gakondo bajye ku bworozi bufatwa nk'ishoramari.

Ati: "Twiteguye guhinga ubwatsi tukorora mu buryo bugezweho, tukava ku bworozi bwa gakondo tugakora ubworozi nk'ishoramari.

Leta imaze kutugezaho bimwe mu bikorwa by'ingenzi bizadufasha muri ubu bworozi, igisigaye ni ugushyiraho akacu tugakora."

Uhagarariye Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buhinzi n'Ibiribwa (FAO) mu Rwanda, Mohamed Aw Dahir, yavuze ko ibikorwa byo gushyigikira abahinzi n'aborozi bizakomeza, hagamijwe guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi no gufasha igihugu kwihaza mu biribwa.

Mu Karere ka Nyagatare, biteganyijwe ko urubingo ruzahingwa kuri hegitari 125, hakoreshejwe ingemwe miliyoni ebyiri zatanzwe. Nyuma y'amezi atandatu, hazatangwa izindi ngemwe miliyoni enye.

Iki gikorwa cyo gutanga ingemwe z'urubingo cyatangirijwe ku borozi bari bamaze gutegura ubutaka, kugira ngo bahite bazitera.

# Nyakinama: Abofisiye 76 basoje amahugurwa abongerera ubushobozi bwo kuyobora ingabo

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abofisiye 76 barimo abafite ipeti rya Majoro n'aba Kapiteni, basoje amahugurwa y'amezi atanu mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Nyakinama, rihereye mu Murenge wa Nkotsi, Akarere ka Musanze, agamije kubongerera ubumenyi n'ubushobozi mu kuyobora ingabo ku rugamba no gutanga ubufasha bukenewe mu bikorwa bya gisirikare.***

Muri abo basoje icyiciro cya 27 harimo 71 bo mu Ngabo z'u Rwanda (RDF), babiri bo muri Polisi y'u Rwanda n'abandi batatu bo mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Igorora (RCS).

Aya mahugurwa yamaze ibyumweru 22, akaba yari agamije

KOMEZA KU RUP.21





# Nyakinama: Abofisiye 76 basoje amahugurwa abongerera ubushobozi bwo kuyobora ingabo

IBIKURIKIRA URUP.20

kubongerera ubushobozi mu miyoborere ya gisirikare, igenamigambi ry'ibikorwa bya gisirikare no gucunga neza inshingano zijyanye n'ubuyobozi bw'ingabo mu bihe bitandukanye, cyane cyane mu bihe by'ibikorwa byo ku rugamba.

Bamwe mu bayasoje bagaragaza ko ubumenyi bungutse buzabafasha kurushaho kuzuza inshingano zabo neza, gufata ibyemezo bishingiye ku bumenyi no gukorana neza n'abo bayobora.

Majoro Immaculée Muteteri ni umwe mu bagore basoje aya mahugurwa, ushimangira ko yahungukiye ubumenyi, agashimira RDF yamuhaye amahirwe yo gukurikirana ayo mahugurwa, yamutoje kuzuza inshingano agendeye ku ndangagaciro na kirazira z'Umunyarwanda.

Yagize ati: "Aya masomo yangiriye akamaro cyane kuko yanyongereye ubumenyi mu kuyobora, gutegura ibikorwa no gufata ibyemezo mu bihe bigoye. Ngiye gushyira mu bikorwa ibyo nize, mbikoreshe mu nshingano nshinzwe kandi mbisangize abo dukorana kugira ngo turusheho kunoza imikorere."

Majoro James Rwamuhizi, undi mwofisiye wo muri RDF warangije aya mahugurwa, na we yavuze ko icyiciro cya 27 cyatumye bazamura ubumenyi ku bijyanye n'igenamigambi ndetse no guhuza ibikorwa byose bigamije gutegura urugamba mu gihe cy'intambara ndetse no kubishyira mu bikorwa kugira ngo bagere ku ntsinzi.

Yagize ati: "Ibyumweru 22 tumaze twigira hano byaduhaye ubumenyi bwimbitse ku bijyanye no kuyobora ingabo no gutegura ibikorwa bya gisirikare, kimwe no gufasha abayobozi kandi tubikora mu buryo bwa kinyamwuga. Icyo ngiye gushyira imbere ni ugukoresha ubwo bumenyi mu kazi ka buri munsi, gufasha abo nshinzwe gukora neza no gukomeza kwihugura kugira ngo nshobore guhangana n'inshingano zabo.

Yagize ati: "Turabashimira ko mwasoje neza aya mahugurwa. Icyo tubasaba ni ugushyira mu bikorwa ubumenyi mwahawe, gukomeza gukunda Igihugu no kwihugura buri munsi, kuko Umuyobozi mwiza ari uwakomeza kwiga no kunoza ubushobozi bwe kugira ngo abashe kuzuza inshingano ashinzwe."

Maj. Gen. Nyakarundi kandi yashimiye imiryango y'abasoje aya mahugurwa, agaragaza ko uruhare rwabo mu kubashyigikira ari ingenzi, kuko amahugurwa nk'aya asaba igihe, umuhate n'ubwitange, bikaba bisaba ko n'imiryango ibashyigikira.

Yashimangiye ko ubumenyi n'indangagaciro bungukiye muri aya mahugurwa bikwiye kugaragarira



Abofisiye 76 bongerewe ubushobozi bwo kuyobora ingabo

mu mikorere yabo, mu miyoborere myiza no mu bushobozi bwo gukorera Igihugu.

Amahugurwa y'abofisiye ni imwe mu nzira zo gukomeza kubaka ubushobozi bw'inzego z'umutekano, kuko abayobozi bafite ubumenyi buhagije bashobora gufata ibyemezo biboneye, gucunga neza abo bashinzwe no kuzuza inshingano zo kurinda Igihugu n'abagituye.

# Duhuze imbaraga duharanire kwihaza mu biribwa - MINAGRI



Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr. Ndabamenye Telesphore

**HITIMANA Servand**

***Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yasabye Abanyarwanda guhuza imbaraga bagashyira ubushya mu buhinzi n'ubworozi hagamijwe kongera umusaruro, kwihaza mu biribwa no gusagurira amasoko.***

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr. Ndabamenye Telesphore yabigaruteseho ubwo ku wa Gatanu tariki ya 30 Ukwakira hizihizwaga umunsi mpuzamahanga w'ibiribwa, mu Karere ka Gatsibo mu Murenge wa Kiziguro.

Minisitiri Ndabamenye yagaragagaje ko ubuhinzi n'ubworozi ari inkingi ya mwamba mu mibereho n'ubukungu bya muntu, bityo ko hakwiye ubufatanye mu kubizamura.

Ati: "Kuri uyu munsi wahariwe ibiribwa ku Isi, dukwiye kuwizihiza tureba aho duhagaze mu kwihaza mu biribwa, dusuzuma ahari intege nke kandi dukwiye kuzongera kugira ngo tugere ku biribwa bihagije. Mureke duhuze imbaraga duharanire kwihaza mu biribwa kandi tunasagurire amasoko."

Yavuze ko kugira ngo ibi bigerweho hari ibikwiye kwitabwaho birimo guhanga udushya mu rwego rw'ubuhinzi.

Ati: "Mu mbogamizi zibangamira urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi harimo imihindagurikire y'ibihe. Turasabwa guhanga udushya muri uru rwego, tugakora tudashingiye gusa ku kuyoborwa n'ikirere ahubwo tukifashisha ubundi buryo butwemerera guhinga no kororo twaba dufite imvura, tutayifite ndetse no guhangana n'ibiza."

Yongeyeho ko abakora ubuhinzi n'ubworozi bakwiye kubikora kinyamwuga, ati: "Abakora ubuhinzi muhingire igihe, mubagaririre igihe, mukoreshe ifumbire uko biteganywa ndetse munakurikiza inama zitangwa mu buhinzi. Ikindi ni uko nyuma yo guhinga ukabona ko uzabona umusaruro ni ngombwa guhita unategura uburyo bwo gusarura kugira ngo utazangirika. Aborora na bo bahinge ubwatsi bwinshi bw'amatungo, kandi aha hazirikanwe kwitabira ubwishingizi bw'imyaka n'amatungo."

Umuyobozi wa FAO mu Rwanda Mohamed AW Dahir yashimye imbaraga Leta ishyira mu guteza imbere ubuhinzi no guharanira kugera ku biribwa ndetse n'imikoranire myiza bagirana.

Ati: "Mu gihe twizihiza uyu munsi ku nshuro ya 81 ku rwego rw'Isi, dushima ko tuwizihije u Rwanda rugaragaza ingamba zikomeye mu guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi, aho uru rwego rufashwa yaba mu kunganirwa ndetse no gushyiraho politiki zinoze mu kuruteza imbere. Turabasezeranya imikoranire myiza muri iyi nzira yo guharanira kwihaza."

Abahinzi bamuritse umusaruro babona mu bihingwa bitandukanye, bagaragaza ko abakora ubuhinzi bukozwe neza bubateza imbere.

Rutembesa Protasi uhinga urutoki mu Murenge wa Murambi yagize ati: "Ubuhinzi bw'urutoki nabushyizemo imbaraga aho rwanteje imbere rukaba runtunze rugatunga n'abandi. Njyewe neza igitoki cy'ibilo 60 kuzamura. Ndagurisha nkabona amafaranga nkiteza imbere ariko n'ababikenera ku isoko bakabibona. Ni ukuvuga ko twunguka twese."

Munyaburanga Joseph umuyobozi wa koperative COPRORIZ Ntende na we yagize ati: "Ubuhinzi bukozwe neza ni inzira yo kwihaza no gutera imbere k'umuturage. [....]Abahinzi biteje imbere ndetse ibikorwa byacu biva ku kutwinjiriza duhinga gusa dukora n'indi mishinga ifite imari iremereye."

Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ibiribwa waranzwe n'ibikorwa bitandukanye birimo gufatanya n'abahinzi bo mu Karere ka Gatsibo gushyira ifumbire mu myaka, gutera ibiti by'imbuto no gutera ubwatsi bw'amatungo.

## ITANGAZO RY'ISOKO

**INDATWA SACCO RUSIZI**
**Akarere ka Rusizi**
Email: indatwasaccorusizi@gmail.com

**TENDER NOTICE**

**1. INVITATION TO TENDER**

INDATWA SACCO RUSIZI invites qualified, eligible and BNR-accredited audit firms to submit sealed technical and financial proposals for the provision of **External Audit Services** for INDATWA SACCO RUSIZI.

The assignment shall cover the audit of the financial statements for the financial year commencing **1 January 2026 and ending 31 December 2026,** including the audit of the eighteen (18) BRANCHS SACCOs consolidated into INDATWA SACCO RUSIZI, in accordance with applicable laws and regulations, BNR requirements, International Standards on Auditing (ISA), cooperative laws, and INDATWA SACCO RUSIZI internal policies and procedures.

The procurement shall be conducted through the **Open Tender Method**. The selected audit firm shall be required to provide independent, objective and professional audit services and submit all required audit reports and related deliverables within the agreed contractual period.

The audit assignment shall commence **on 25 January 2027** and shall be completed within Thirty **(30) days** from the commencement date, in accordance with the terms and conditions of the contract.

**2. AVAILABILITY OF THE TENDER DOCUMENT**

The Tender Document may be obtained from the **Procurement Office of INDATWA SACCO RUSIZI from 27th** October to 31st **November 2026** during working hours.

Interested bidders shall pay a **non-refundable fee of Ten Thousand Rwandan Francs (RWF 10,000)** to the following account:

**Account Number:** 4010201350710
**Account Name:** INDATWA SACCO RUSIZI
**Bank:** Equity Bank

Proof of payment shall be submitted in accordance with the requirements of this Tender Document.

**3. SUBMISSION OF BIDS**

All bidders shall submit the **original hard copy of their bid,** consisting of a **Technical Proposal and a Financial Proposal**, in **two separate sealed envelopes, each clearly marked with the name of the respective proposal**. The two envelopes shall then be enclosed in **one larger**

**INDATWA SACCO RUSIZI**
**Akarere ka Rusizi**
Email: indatwasaccorusizi@gmail.com

**sealed envelope.** The complete bid must be submitted to the **Head Office of INDATWA SACCO RUSIZI** no later than the deadline specified below:

**Submission Date:** 02nd November 2026,**Time:** 13 h00'' PM
**Submission Venue:** INDATWA SACCO RUSIZI Head Office, Rusizi District, Kamembe Sector, Kamashangi Cell, Kadasomwa Village.

Bids submitted after the specified deadline shall not be accepted

**4. BID OPENING**
The opening of bids shall take place on:
**Date:** 02nd November 2026
**Time:** 14h30'' PM
**Venue:** INDATWA SACCO RUSIZI Head Office, Rusizi District, Kamembe Sector, Kamashangi Cell, Kadasomwa Village.

Bidders or their duly authorized representatives may attend the bid opening session.

**5. REQUEST FOR CLARIFICATION**

Interested bidders may request clarification regarding this Tender Document by submitting written requests to:

**INDATWA SACCO RUSIZI**
**Tel:** +250788306598/ +250 788 429 995 / +250 788 984 800
**Email:** indatwasaccorusizi@gmail.com/ indatwa.rusizi@indatwa.dsacco.rw

**Requests for clarification shall be submitted no later than 5 days after notice is published,** to allow **INDATWA SACCO RUSIZI** sufficient time to provide the necessary clarification to interested bidders.

**6. RIGHT OF ACCEPTANCE OR REJECTION**

INDATWA SACCO RUSIZI reserves the right to accept or reject any tender, in whole or in part, in accordance with the applicable procurement requirements and without being liable to the bidders for any consequences arising from such decision.

**Done at Rusizi, on 26th October, 2026**

**Me NDIKUMANA Elisee**
**Chairperson of the BoD**
**INDATWA SACCO RUSIZI.**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**INDATWA SACCO RUSIZI**
**Akarere ka Rusizi**
Email: indatwasaccorusizi@gmail.com

Bids shall be submitted in a properly sealed envelope clearly indicating:

1. **TENDER FOR THE SUPPLY OF HYGIENE AND CLEANING MATERIALS,**
2. **ICT EQUIPMENT AND ACCESSORIES,**
3. **OFFICE STATIONERY AND GENERAL OFFICE SUPPLIES,**
4. **LISTING PERSONNALISÉ EN DOUBLE (SLIP)**
5. **PRINTING/CUSTOMIZED MATERIALS**
6. **TENDER REF: TDR003/2026/ISR/B**

Bids must be submitted to:

**INDATWA SACCO RUSIZI Head Office – Rusizi District, Western Province in the office of Procurement Office of INDATWA SACCO RUSIZI** during working hours.

The deadline for submission of bids shall be:

Date: **13/11/2026**
Time: **10:00 AM**
Venue: **INDATWA SACCO RUSIZI**

Bid opening shall take place publicly at:

Date: **13/11/2026**
Time: **10:30AM**
Venue: **INDATWA SACCO RUSIZI Head Office**

Late bids shall not be accepted.

Issued at Rusizi, on 26/10/2026.

**Me NDIKUMANA Elisee**
**Chairperson of the BoD**
**INDATWA SACCO RUSIZI**

**INDATWA SACCO RUSIZI**
**Akarere ka Rusizi**
Email: indatwasaccorusizi@gmail.com

**PART I: INVITATION TO TENDER**

The Management of **INDATWA SACCO RUSIZI,** located in Rusizi District, Western Province, invites qualified and legally authorized suppliers to submit bids for the supply and delivery of materials required by INDATWA SACCO RUSIZI under the following Lots:

**LOT 1 – HYGIENE, CLEANING MATERIALS AND RELATED CONSUMABLES**

This Lot covers hygiene and cleaning materials required for the Head Office and/or branches of INDATWA SACCO RUSIZI.

**LOT 2 – ICT EQUIPMENT AND ACCESSORIES**

This Lot covers ICT equipment and accessories required for the operations and digital activities of INDATWA SACCO RUSIZI.

**LOT 3 – OFFICE STATIONERY, ACCESSORIES AND GENERAL OFFICE SUPPLIES**

This Lot covers office stationery, office accessories and general office supplies.

**LOT 4 – LISTING PERSONNALISÉ EN DOUBLE (SLIP)**

This Lot covers printer consumables required for the different printers and printing equipment used by INDATWA SACCO RUSIZI.

**LOT 5 – PRINTING, BRANDED, CUSTOMIZED AND SECURITY-PRINTED MATERIALS**

This Lot covers customized, branded, numbered, security-printed and other printed materials required by INDATWA SACCO RUSIZI.

A bidder may submit an offer for **one or more Lots,** provided that the bidder meets all requirements applicable to each Lot for which it submits an offer.

Interested bidders shall obtain the tender document from INDATWA SACCO RUSIZI at the address indicated below from 27/10/2026 -**10/11/2026** in the working hours.

**Tender document fee:** RWF 10,000 non-refundable **for each lot applied for**. Payment shall be made to: **Account Number:** 4010201350710
**Account Name:** INDATWA SACCO RUSIZI
**Bank:** Equity Bank





## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUZIMA
INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA GICUMBI
IBITARO BYIGISHA BYO KU RWEGO RWA II BYA BYUMBA
UMURENGE WA MANYAGIRO
IKIGO NDERABUZIMA CYA MANYAGIRO
Imeyili: imyanyagiro@gmail.com
Telefone: (+250) 783 550 862

# ITANGAZO RIHAMAGARIRA IPIGANWA

Ikigo Nderabuzima cya Manyagiro kirahamagarira ba Rwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi gutegura neza no kuzana ku kigo nderabuzima cya Manyagiro inyandiko zabo z'ipiganwa ku rusoko akurikira:

| SN | INYITO Y'ISOKO NA NIMERO Y'ISOKO IZAKORESHWA MU ITANGWA RYARYO | Igihe cyo gusura | Italiki ntarengwa yo gutanga inyandiko z'ipiganwa | Igihe cyo gufungura inyandiko z'ipiganwa | Gutangira gushyira amasezerano mu bikorwa |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Isoko ryo gutanga amasezerano azasiye yo gutanga serivisi z'isuku n'isukura ku kigo nderabuzima cya Manyagiro, Ivuriro ry'Ibanze rya Nyiragifumba, n'Ivuriro ry'Ibanze rya Koneru. / *Tender for framework agreement for the Provision of Cleaning, Hygiene, and Sanitation Services for Manyagiro Health Center, Nyiragifumba Health Post, and Remera Health Post* [Nº MANYHC/FA/FY2026-2027/0044II] | Taliki 10 Ugushyingo 2026 saa 10:30 AM kugeza saa 02:30 PM | Taliki ya 16 Ugushyingo 2026 saa sita zuzuye z'amanywa (12:00 PM) | Taliki ya 16 Ugushyingo saa saba zuzuye z'amanywa (01:00 PM) | Kuwa Kabiri taliki ya 1 Ukuboza 2026 |
| 2 | Isoko ryo gutanga amasezerano azasiye yo gutanga serivisi zo kugemura ibiribwa ibindi biteri kyategusse. / *Tender for framework agreement for the Provision of Catering and Refreshment Services for Approved Meetings, Trainings, and Official Events* [Nº MANYHC/GIC/FY2026-2027/0051I] | Taliki 10 Ugushyingo 2026 saa 10:50 AM kugeza saa 02:30 PM | Taliki ya 16 Ugushyingo 2026 saa sita zuzuye z'amanywa (12:00 PM) | Taliki ya 16 Ugushyingo saa saba zuzuye z'amanywa (01:00 PM) | Kuwa Kabiri taliki ya 1 Ukuboza 2026 |
| 3 | Isoko ryo gutanga amasezerano yo kugemura no kwandika ku biryamirwa na aieze ku kigo nderabuzima cya Manyagiro, Ivuriro ry'Ibanze rya Nyiragifumba, n'Ivuriro ry'Ibanze rya Remera / *Tender for the Supply and Labelling of Bed Sheets, Blankets, and Other Linen Items for Manyagiro Health Center, Nyiragifumba Health Post, and Remera Health Post* [Nº MANYHC/GIC/ON/FY2026-2027/0031I] | Taliki 10 Ugushyingo 2026 saa 10:30 AM kugeza saa 02:30 PM | Taliki ya 16 Ugushyingo 2026 saa sita zuzuye z'amanywa (12:00 PM) | Taliki ya 16 Ugushyingo saa saba zuzuye z'amanywa (01:00 PM) | Kuwa Kabiri taliki ya 1 Ukuboza 2026 |

*Page (Urupapuro rwa)* **1** of *(kuri)* **2**

**ICYITONDERWA:**

- Abifuza gupiganira aya masoko yavuzwe haruguru mu mbonerahamwe, bashobora kubona kuri imeyili zabo igitabo cyerekana uko ipiganwa rikorwa guhera kuwa Gatatu taliki ya 21 Ukwakira 2026 saa mbiri zuzuye za mu gitondo (08:00 AM) nyuma yo kohereza kuri imeyili y'ikigo nderabuzima inyemezabwishyu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10,000 FRW) kuri buri gitabo, adasubizwa yishyuwe kuri Konti nimero 4413332741 iri mu mazina **CENTRE DE SANTE MANYAGIRO** muri **BPR Bank Rwanda Plc.** Icyakora buri wese ubyifuza ashobora guseena ku busta igitabo cyerekana uko ipiganwa rikorwa agisanze mu biro by'umukozi ushinzwe amakuru (Data Management) ku kigo nderabuzima cya Manyagiro mu masaha y'akazi.
- Ba Rwiyemezamirimo bifuza gupiganira isoko nimero **MANYHC/FA/FY2026-2027/0044II** barasabwa kwishyura andi mafaranga, ahubwo azandikira ikigo Nderabuzima kuri imeyili asaba igitabo cyerekana uko ipiganwa rikorwa cyo kuwa 26 Ukwakira 2026, kuko uri cyo kizakoreshwa muri iri piganwa.
- Gusura ahazakorerwa ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko ni itegeko ku mataliki n'amasaha byagaragajwe haruguru mu mbonerahamwe. Ikigo Nderabuzima kizatanga icyemezo kuri ba Rwiyemezamirimo bitabiriye igikorwa cy'isura. Nta wundi muntu wo gusura utegasyijwe ku bazaba bacikanwe ku munsi n'igihe byagaragajwe muri iri tangazo. Abitabiriye igikorwa cyo gusura bagomba kuba bitegeye kwitabira inama mu buryo bw'ikoranabuhanga zibafasha kurushaho gusobanukirwa neza buri piganwa, igihe byaba ritarote rwo kwitabira gusura cyangwa imeyili zifashishijwe mu gusaba igitabo cyerekana uko ipiganwa rikorwa. Icyakora Rwiyemezamirimo wifuza gupiganira isoko Nº **MANYHC/FA/FY2026-2027/0044II** witabiriye isura ryo kuwa 8 Nzeli 2026, kuwa saa 10:30 am kugeza saa 12:30 PM, ntabwo ategetswe kongera gusura, ahubwo ashobora kwifashisha icyemezo cyo gusura yahawe icyo gihe.
- Rwiyemezamirimo upiganwa azirengera ibiciro byose byo gutegura inyandiko y'ipiganwa no kwitabira ipiganwa kugeza rirangiye hatitawe ku myanzuro y'ipiganwa. Ntabwo ikigo nderabuzima kizishingira amafaranga Rwiyemezamirimo azaba yatakaje mu gikorwa cy'ipiganwa, yaba yatsinze cyangwa yatsinzwe.
- Iri piganwa rizakorwa hakurikijwe ibikubiye mu gitabo cyerekana uko ipiganwa rikorwa kuri buri soko, amategeko, amateka, amatangazo n'imirongo ngenderwaho bigenga amasoko ya leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Gicumbi, ku Kigo Nderabuzima cya Manyagiro, Mbere taliki ya 26 Ukwakira 2026

**Marie Chantal IHOGOZA**
**Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya Manyagiro.**

*Page (Urupapuro rwa)* **2** of *(kuri)* **2**

## ITANGAZO RY'ISOKO

Tel (+250) 788 306 598

Republic of Rwanda
Ministry of Defence
Office of the Permanent Secretary
P.O. Box 23 Kigali

Nº: 378/D.....7/2025..... 26 October 2026

**TENDER NOTICE Nº 011/PS/MOD/26-27**

| N/A | TENDER NUMBER | TENDER NAME | TYPE OF CONTRACT |
|---|---|---|---|
| | | Supply of [illegible] | [illegible] |
| | | Supply [illegible] | [illegible] |
| | | Supply [illegible] equipment | [illegible] |
| | | Supply [illegible] | [illegible] |
| | | Supply [illegible] | [illegible] |
| | | Supply [illegible] equipment | [illegible] |
| | | Supply [illegible] | [illegible] |

[illegible] 26/10/2026.

Done at Kigali, on 26/10/2026.

Colonel KANYAMAHANGA
[illegible]

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ANNOUNCEMENT REQUEST FOR PREQUALIFICATION OF SUPPLIERS, SERVICE PROVIDERS, CONSULTANTS AND CONTRACTORS FOR THE YEAR 2027 AND 2028**

**Tender Reference No.: 016/ PREQUALIFICATION OF SUPPLIERS /SFH/2026**

Society for Family Health (SFH) Rwanda invites applications from suitably qualified and legally registered companies, firms, consultants, contractors and service providers for **prequalification for the provision of goods, works and services during the 2027 and 2028 Financial years**.

Eligible and interested bidders are invited to submit their technical documents based on Prequalification package documents requirement (see attached link: https://sfhrwanda.org.rw/invitation-for-pre-qualification-services/), any requests for clarification concerning this prequalification exercise should be addressed to the SFH Rwanda Procurement Department by email procurement@sfhrwanda.org.

Prequalification Bids must be submitted ONLY by email to: tenders@sfhrwanda.org before the submission deadline of **25th NOVEMBER 2026**, at 14:00am local time and public Email opening of submitted bids on the same date of **25th NOVEMBER 2026** at 14:30am local time in SFH Rwanda Conference Room located at Gahanga – Nunga Cell, Road Opposite Gahanga market on KK15RD - KK 52 AVENUE. In case of guidance or Clarifications, call mobile Telephone at: +250 0788305685.

Late Bids will be rejected, and Bids will be opened in a public session in the presence of the interested Bidders designated representatives. Tender packages are down loadable from SFH Rwanda official website; www.sfhrwanda.org.rw/tendernotices "**APPLICATION FOR PREQUALIFICATION OF SUPPLIERS/SERVICE PROVIDERS 2027 & 2028"**

Only applicants meeting the prequalification requirements will be included in the SFH Rwanda supplier/service-provider database.

**Important:** Prequalification does not constitute a contract or guarantee of future business. Specific procurement opportunities shall be undertaken separately in accordance with SFH Rwanda procurement procedures and applicable donor requirements.

SFH Rwanda reserves the right to accept or reject any application and/or cancel the prequalification exercise without incurring any liability to applicants.

Done at Kigali, **22nd October 2026**

**Janepher TURATSINZE**

**Chief Operating Officer**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**INDATWA SACCO RUSIZI**
**Akarere ka Rusizi**

**TENDER NOTICE**

**1. INVITATION TO TENDER**

INDATWA SACCO RUSIZI invites qualified and eligible recruitment firms, human resource consultancy firms, assessment service providers and other competent service providers to submit technical and financial proposals for the provision of recruitment assessment services for the recruitment of employees of INDATWA SACCO RUSIZI.

The assignment aims to support INDATWA SACCO RUSIZI in conducting a transparent, objective, fair and merit-based recruitment process to identify and select qualified candidates for the vacant positions determined by the institution.

The selected service provider shall be responsible for:

- Preparing, administering and marking written examinations under the supervision of INDATWA SACCO RUSIZI.
- Preparing, administering and marking practical Computer examination
-
- Preparing and submitting a comprehensive report on the examinations and recruitment process, including the results and recommendations.

The service provider shall ensure that all assessment activities are conducted professionally, confidentially, impartially and in accordance with the agreed assessment criteria and applicable laws and regulations.

The procurement shall be conducted through the Open Tender Method, subject to the applicable procurement requirements.

**2. AVAILABILITY OF THE TENDER DOCUMENT**

The Tender Document may be obtained from the Procurement Office of INDATWA SACCO RUSIZI from 26/10/2026 to 31/10/2026 during official working hours.

Interested bidders shall pay a non-refundable tender document fee of RWF 10,000 if applicable, to the following account:

- **Account Number:** 40102013507|0
- **Account Name:** INDATWA SACCO RUSIZI
- **Bank:** Equity Bank

Proof of payment shall be submitted in accordance with the requirements of this Tender Document.

**INDATWA SACCO RUSIZI**
**Akarere ka Rusizi**

**3. SUBMISSION OF BIDS**

All interested Bidders are encouraged to submit their expression of Interest and financial proposals in two separate sealed envelopes, each clearly marked with the name of the respective proposal not later than 02/11/2026 at 10h00 to the procurement office however electronic applications shall not be considered and should be addressed to:

Chairperson of board of directors

INDATWA SACCO RUSIZI

KAMEMBE- RUSIZI

The two envelopes shall be enclosed in one larger sealed envelope.

The complete bid shall be submitted to the Head Office of INDATWA SACCO RUSIZI no later than the following deadline:

- **Submission Date:** 02/11/2026
- **Time:** 10h00' " : AM
- **Submission Venue:** INDATWA SACCO RUSIZI Head Office, Rusizi District, Kamembe Sector, Kamashangi Cell, Kadasomwa Village.

The outer envelope shall be marked:

REQUEST FOR EXPRESSION OF INTEREST AND FINANCIAL RECRUITMENT OF FIRM TO PROVIDE SERVICES FOR THE RECRUITMENT OF EXTERNAL EMPLOYEES OF INDATWA SACCO RUSIZI

Tender Reference Number: TDR0005/2026/ISR/B

Bids received after the submission deadline shall be handled in accordance with the applicable procurement rules.

**4. BID OPENING**

The opening of bids shall take place as follows:

- **Date:** 02/11/2026
- **Time:** 10 :30 AM
- **Venue:** INDATWA SACCO RUSIZI Head Office, Rusizi District, Kamembe Sector, Kamashangi Cell, Kadasomwa Village.

## ITANGAZO RY'ISOKO

**INDATWA SACCO RUSIZI**
**Akarere ka Rusizi**

Bidders or their duly authorized representatives may attend the bid opening session where permitted under the applicable procurement procedures.

**5. REQUEST FOR CLARIFICATION**

Interested bidders may request clarification regarding this Tender Document by submitting written requests to:

**INDATWA SACCO RUSIZI**

- **Telephone:** +250 788 429 995 / +250 788 984 800/+250 788 306 598
- **Email:** indatwasaccorusizi@gmail.com / indatwa.rusizi@indatwa.dsacco.rw

Requests for clarification shall be submitted within the period specified in the tender notice and in accordance with the applicable procurement requirements.

**6. RIGHT OF ACCEPTANCE OR REJECTION**

INDATWA SACCO RUSIZI reserves the right to accept or reject bids, cancel the procurement process where legally permitted, or take any other appropriate action in accordance with the applicable procurement rules or when the prices of bidders are against the budgeted price. Such action shall be undertaken in accordance with the relevant procedures and applicable legal requirements.

Done at Rusizi, on 26/10/2026.

**Me NDIKUMANA Elisee**
Chairperson of the Board of Directors
INDATWA SACCO RUSIZI

## ITANGAZO RY'ISOKO

**UBUDASA SACCO BUGESERA**
**Akarere ka Bugesera**

**NOTIFICATION ABOUT POSTPONEMENT OF TENDERS OPENING DATE**

**Name of Tenders:**

1- **Provision of Internet Connectivity Services: Reference: 003/NC/RFQ/2026/USB**
2- **Provision of Legal Services: Reference: 0001/USB/QCBS/2026**

Dear Bidders/Interested Parties,

We wish to inform you that the opening of bids for **"Provision of Internet Connectivity Services (Reference:** 003/NC/RFQ/2026/USB)" and the one for **"Provision of Legal Services" (Reference: 0001/USB/QCBS/2026)**, originally scheduled respectively for **29th October, 2026 at 11:00** and at **2:00** have been **postponed** due to unforeseen urgent matters that require immediate attention on the opening day.

Therefore, the new tender opening date will be **on 3rd November, 2026** at **10:00 am** Local time, and all other terms and conditions of the tender remain unchanged.

Please be assured that this postponement will not affect the integrity of the tender process, and keep and submit your bids as indicated in Tender notice.

For any inquiries, please contact **0784876873/0788570371** at your earliest convenience.

Thank you for your cooperation.

**Pierre Claver MAZIMPAKA**
**Managing Director**





## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Kamonyi

**UMURENGE WA MUSAMBIRA**

**ITANGAZO RY'ISOKO Nº 01/WMSBR/10/2026 , RIHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO GUPIGANIRA ISOKO RYO" GUSANA INYUBAKO Y'IBIRO BY'AKAGARI KA**

**MPUSHI, MU MURENGE WA MUSAMBIRA "**

**UMUTERANKUNGA:** AKARERE KA KAMONYI

UBUYOBOZI BW"UMURENGE WA MUSAMBIRA MU KARERE KA KAMONYI, BURAHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO BABISHOBOYE GUPIGANIRWA ISOKO RYO "**GUSANA INYUBAKO Y'IBIRO BY'AKAGARI KA MPUSHI"**

IMIRIMO IZAKORWA BIBONEKA MU GITABO CYATEGUWE N'UMURENGE WA MUSAMBIRA MU BUNYAMABANGA BW'UMURENGE HAMAZE KWISHYURWA AMAFARANGA IBIHUMBI ICUMI (**10,000F**) ADASUBIZWA KURI KONTI Y'AKARERE KA KAMONYI, UNYUZE KU IREMBO.

AMABAHASHA AFUNZE NEZA Y'ABAPIGANWE AZAGEZWA MU BIRO BY'UBUNYAMABANGA BW'UMURENGE BITARENZE KUWA GATATU TARIKI YA **11/11/2026** SAA YINE ZUZUYE**(10H00)**. UZAZA NYUMA Y'IYI SAHA NTAZAKIRWA.

AMABAHASHA AZAFUNGURIRWA MU RUHAME KURI UWO MUNSI WO KUWA **11/11/2026 SAA YINE N'IGICE (10H30)** MU CYUMBA CY'INAMA CY'UMURENGE WA MUSAMBIRA .

BIKOREWE I MUSAMBIRA KUWA 28/10/2026

NYIRANDAYISABYE CHRISTINE
**UMUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA W'UMURENGE WA MUSAMBIRA**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA
MINISTRY OF EDUCATION
NGORORERO DISTRICT
COLLEGE APEJERWA NYANGE TSS
Contact: +250788674933
Email: apejerwanyange@gmail.com

**ITANGAZO RY'ISOKO NO 002/2026-2027/0305030**

Ubuyobozi bw'ishuri rya **COLLEGE APEJERWA NYANGE TSS** rihereereye mu karere ka Ngororero ,Umurenge wa Ngororero buramenyesha abacuruzi naba rwiyemezamirimo ko hazatangwa amasoko akurikira:

1. Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kwigishirizaho mu ishami ry'ubuhinzi (Agriculture ) mu mwaka w'amashuri wa 2026-2027.
2. Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kwigishirizaho mu 'ishami ry'ubuvuzi bw'amatungo (Animal health) mu mwaka w'amashuri wa 2026-2027.

Igitabo gikubiyemo amabwiriza kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri kuva kuwa gatanu tariki **23/10/2026** kugeza kuwa mbere tariki ya **16/11/2026** saa tatu zuzuye **(09h00)** hamaze kugaragazwa inyemezabwishyu yo kugura igitabo cy'isoko y' amafaranga **ibihumbi icumi (10,000F)** yishyuwe kuri konti ya Rwanda revenue authority(RRA).

Inyandiko zisaba isoko zizakirwa mu bunyamabanga bw'ishuri kuva kuwa **Gatanu** tariki ya **23/10/2026** kugeza **kuwa mbere tariki ya 16/11/2026** saa **tatu zuzuye za mu gitondo (09h00) .**

Gufungura amabahasha ku mugaragaro bizakorwa kuri uwo munsi **tariki ya 16/11/2026** saa tatu n'igice **(09h30)** za mu gitondo mu cyumba cy'inama cya COLLEGE APEJERWA NYANGE TSS.

Bikorewe i Nyange kuwa **23/10/2026**

**HABIMANA Innocent**
Umuyobozi w'ishuri(a.i)

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y U RWANDA**

**AKARERE KA NGORORERO**

**UMURENGE WA KAVUMU**

**ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BY'UBWUBATSI.**

**Umurenge wa Kavumu uramenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko ushaka gutanga isoko ryo kugemura ibikoresho binyuranye byo kubaka amashuri, ubwiherero ndetse n'umukingo hyose bizubakwa ku kigo cya EP MUTAKE giherereye mu kagari ka Rugeshi, umudugudu wa Mwiyanike:**

**Iri soko rigabanijemo ibyiciro 4 aribyo lots (4 lots) :**

1. **Inzugi z'ubwiherero na placard mu mashuri**
2. **Gukora no gukinga Inzugi n'amadirishya mu mashuri**
3. **Amarangi n'ibindi bijyana nayo**
4. **Ibigega na instalation yabyo**

**Abifuza gupiganira iryo soko bashobora kubona igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga aya masoko mu biro by'ubunyamabanga rusange bw'umurenge wa Kavumu kuva tariki ya 02/11/2026 kugera kuya 22/11/2026, nyuma yo kwishyura Amafranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10,000frs) kuri buri lot wifuza gupigasira ashyirwa kuri konti numero 00040-00636221-31 ya RRA iri muri BK cyangwa kuri konti numero 528380614610181 ya RRA iri muri BPR.**

**Ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi bafite ubushobozi bwo gupiganira iri soko bagomba kugeza amabahasha afunze neza arimo ibiciro mu bunyamabanga rusange bw'umurenge wa Kavumu bitarenze kuwa kabiri tariki ya 22/11/2026 saa sita zuzuye (12h00). Gufungura amabahasha mu ruhame bizaba kuri uwo munsi saa munani zuzuye (14h00) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kavumu**

**Bikorewe I Kavumu kuwa 29/10/2026**

**KAVANGE Jean d'Amour**
**Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kavumu**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MURWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU REF: N0: **2026-220412** CYO KUWA 16/09/2026 CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA BANKI IBEREWEMO; HASHINGIWE KU MABWIRIZA Y'UMWANDITSI MUKURU Nº 002/2021/ORG YO KUWA 29/06/2021 AHINDURA AMABWIRIZA Y'UMWANDITSI MUKURU NO 001/2020/ORG YO KUWA 12/05/2020 AGENGA IBYEREKEYE GUCUNGA, GUKODESHA, KUGURISHA MU CYAMUNARA NO KWEGUKANA INGWATE

USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me ZANINKA Fatina** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE PARISELI IRIMO INZU URI MU KIBANZA GIFITE **UPI: 5/01/10/05/10921**, UHEREREYE MU NTARA Y'IBURASIRAZUBA, AKARERE KA RWAMAGANA, UMURENGE WA MUYUMBU, AKAGALI KA NYARUKOMBE, UMUDUGUDU WA RUBONA.

UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANA BUHANGA

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI/ CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO N'UWO IZARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA KABIRI (2) | IPIGANWA RIZATANGIRA KUWA **28/10/2026** RIHAGARARE KUWA **04/11/2026** | SAA TANU (11H00) |
| INSHURO YA GATATU (3) ARI NAYO YANYUMA | IZATANGIRA KUWA **06/11/2026** IRANGIRE KUWA **13/11/2026** | SAA TANU (11H00) |

- UMUTUNGO UGURISHWA NI PALISELI IRIMO INZU
- UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BWA METERO KARE **170Sqm**
- UMUTUNGO UGURISHWA UFITE **UPI: 5/01/10/05/10921**
- UFITE AGACIRO KARI KU ISOKO KANGANA NA **3.740.000Frw**
- USHAKA GUPIGANIRWA, UWO MUTUNGO ATANGA IBICIRO BINYUZE KU RUBUGA RW'INYANDIKOMPESHA ZIRANGIZWA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw
- UZATSINDIRA UMUTUNGO UGURISHWA AGOMBA KWISHYURA UMUTUNGO YATSINDIYE AVERISHEJE KURI COMPTE **nº100250096687** YITWA **PBA/IRANGIZWA RY'INYANDIKOMPESHA** IRI MURI BANK OF KIGALI PLC..
- GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI, MU MINSI Y'AKAZI GUHERA SAA TANU Z'AMANYWA (11H00 AM) KUGERA SAAKUMI Z'UMUGOROBA (16H00 PM)
- UWAKENERA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA KURI NO ZA TELEFONE IGENDANWA: **0788638480/0781583967**

BIKOREWE I RUBAVU KUWA 26/10/2026
USHINZWE KUGURISHA INGWATE
**Me ZANINKA FATINA**

Imvaho Nshya Imyidagaduro

# New Melody batangaje icyabateye guhitamo ijambo ‘Selah’ bitiriye igitaramo cyabo

**MUTETERAZINA Shifah**

***Abagize itsinda rizwi mu kuririmba indirimbo ziramya zikanahimbaza Imana rizwi nka New Melody Ministries bavuga ko bahisemo kwita igitaramo cyabo ‘Selah’ kubera ko bifuza ko abazakitabira bazatuza bagatega amatwi Imana kuko akenshi abantu bayibwira ibyifuzo byabo ariko bo batajya bayumva.***

Ni igitaramo bise Selah Concert bagiye gukora ku nshuro ya gatatu aho bavuga ko bifuza ko nubwo abantu bakwiye kubyinira Imana bakanezerwa ariko bagomba no gufata akanya bakayumva.

Mu kiganiro n’itangazamakuru abagize iryo tsinda bavuga ko bahisemo iryo zina kuko batifuza ko cyarangirira mu kubyinira Imana gusa ariko bazagira n’umwanya wo gukurikira inyigisho bakumva iby’Imana ibabwira.



Abagize New Melody Ministries basabye abazitabira igitaramo cyabo kuzatuza bakumva Imana

Umuriribyi akaba n’ushinzwe ibijyanye n’umwuka muri New Melody, Nema Marie Jeanne yasobanuye ijambo bitiriye igitaramo anasobanura impamvu barihisemo.

Yagize ati: “Selah ni ijambo rikomoka mu giheburayo rigaragara cyane muri Zaburi iyo uyisoma hari aho usanga handitse ‘Selah’ bisobanuye ‘gutuza’ iyo urigezeho uba ugomba gufata akanya tugatekereza.”

Akomeza avuga ko bahitamo iryo zina bifuzaga gutanga ubutumwa ku bazitabira icyo gitaramo.

Ati: “Twahisemo kwita igitaramo ‘Selah’ kuko tutakibona nk’igitaramo gusa ahubwo tunabona ari umwanya wo gutuza Imana ikavuga. Akenshi abantu tubwira Imana ibyifuzo byacu ariko akanya ko kuyumva ntabwo kaba kenshi, turifuza ko abazitabira bazagira umwanya wo kumva icyo Imana ibashakaho.”

Uretse New Melody Ministries ni igitaramo kizaririmbano andi matsinda nka Papi na Dorcas, True Promises ndetse hakazanabaho umwanya wo kumva ijambo ry’Imana rizagaburwa n’umuvugabutumwa wateganyijwe.

Bavuga ko amatsinda azabafasha gutarama bayahisemo nyuma yo gutekereza, bagasanga habayeho ubufatanye bwabo n’ayo matsinda abazitabira icyo gitaramo baryoherwa kurushaho.

Itsinda rya New Melody rizwi mu ndirimbo zirimo Yarambabariye, Imana ntisinzira, Ndakwiringiye n’izindi nyinshi zikundwa n’abatari bake. Biteganyijwe ko igitaramo kizaba tariki 08 Ugushyingo muri Camp Kigali.

# Impamvu ‘Indashyikirwa’ batumiye Massamba n’Itorero Inyamibwa muri ‘Gakondo



Massamba Intore n’Inyamibwa bazatarama muri Gakondo Iganze

**MUTETERAZINA Shifah**

***Itsinda ry’abaririmbyi Indashyikirwa, rikora umuziki wa gakondo nyarwanda, ryasobanuye ko ryahisemo gutaramana na Massamba Intore n’Itorero Inyamibwa kugira ngo ritange umuziki gakondo w’umwimerere, utavangiye n’uburyo bugezweho bwo gucuranga.***

Iri tsinda risanzwe ritegura igitaramo ngarukakwezi ryise Gakondo Iganze, rivuga ko muri uku kwezi ryifuza kwibanda ku muco nyarwanda n’umwimerere w’umuziki gakondo, aho kwibanda gusa ku ndirimbo gakondo zicuranzwe mu buryo bugezweho.

Ibi byasobanuwe n’umuvugizi w’iri tsinda, Sam Inkuba, mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, aho yavuze ko igitaramo cyo muri Ukwakira kizibanda ku njyana gakondo nyarwanda y’umwimerere. Yagize ati: “Massamba Intore ni umutoza w’urucyerereza, ndetse bamwe muri twe yaradukojeje. Gukorana na we rero ni ugutanga uburyohe burushijeho, ni nko kongera ikirungo mu byo kurya.”

Inkuba yakomeje avuga ko mu rwego rwo kurushaho kwibanda ku mwimerere w’umuziki gakondo, bahisemo no gutumira Itorero Inyamibwa kugira ngo abazitabira igitaramo bazaryoherwe n’umuco nyarwanda mu buryo bwawo bw’umwimerere.

Ati: “Gushyiramo Itorero Inyamibwa ni muri bwa buryo bwo kwibanda ku mwimerere wa gakondo, kuko igitaramo cyitwa ‘Gakondo Iganze’. Urumva izina ry’igitaramo rigomba guhura n’ibyo dutaramira abakitabiriye. Kubonamo Itorero Inyamibwa bisobanuye kubona wa muzi wa gakondo, abantu bakongera bakumva umurindi w’intore, bakumva amayugi, bakabona abakobwa bashyaya, ni byo twifuzaga.”

Indashyikirwa ivuga ko intego y’ibi bitaramo ari uguhuza abahanzi b’umuziki indirimbo gakondo, banahabwe umwanya wo guhanga izabo.gakondo bo mu kiragano gishya n’abo mu bihe byashize, kugira ngo abato barusheho kumenya

Iri tsinda rigiye gutaramana na Massamba Intore n’Itorero Inyamibwa nyuma y’ibitaramo bibiri biheruka, ryatumiwemo umuhanzi Ruti Joel. Igitaramo Gakondo Iganze giteganyijwe ku wa 31 Ukwakira 2026, muri Kigali Universe, aho hazaba hari n’abacuranzi b’ibicurangisho gakondo birimo inanga n’umuduri.





# Bukayo Saka yasomye inkuru y’umwana wo mu Rwanda mu bihembo bya Ballon d’Or 2026

**SHEMA Ivan**

***Umukinnyi w’Ikipe ya Arsenal n’Ikipe y’Igihugu y’u Bwongereza, Bukayo Saka yasomye ibaruwa y’umwana w’Umunyarwanda witwa Byiringiro w’imyaka 14 wafashijwe kongera kubona neza nyuma y’igihe yari amaze afite ikibazo cy’uburwayi***



Bukayo Saka yasomye inkuru ya Byiringiro wo mu Rwanda mu bihembo bya Ballon d’Or 2026

***bw’amaso, ubwo yakiraga igihembo cya ‘Sócrates Award 2026.’***

Mu ijoro ryo ku wa Mbere tariki ya 26 Ukwakira 2026, ni bwo muri Palladium Theatre i London mu Bwongereza hatangiwe ibihembo bitangwa na France Football bigahabwa abakinnyi bitwaye neza mu byiciro bitandukanye, byatangwaga ku nshuro ya 70 mu mateka.

Mu bihembo byatanzwe harimo ‘Sócrates Award’ kigenewe umukinnyi wa ruhago wakoze ibikorwa by’indashyikirwa bigira uruhare mu guteza imbere imibereho y’abandi no gufasha sosiyete. Kuri iyi nshuro cyegukanywe na Bukayo Saka kubera ibikorwa by’ubugiraneza akora afatanyije n’umuryango ‘BigShoe’, ufasha abana batishoboye kubona ubuvuzi, by’umwihariko abakeneye kubagwa.

Mu butumwa yageneye abitabiriye ibi birori yagarutse ku nkuru ya Byiringiro wo mu Rwanda, watangiye kugira ikibazo cyo kutabona neza afite imyaka 12. Byiringiro yagaragaje ko ikibazo cy’amaso cyamubuzaga gukurikira neza amasomo no gukina na bagenzi be, nubwo yifuzaga kubaho nk’abandi bana. Ati: “Ndi ku ishuri ntabwo nabashaga gusoma ku kibaho ibyo mwarimu yandikaga, nkanagorwa no gukina na bagenzi banjye, kandi nashakaga gukina nk’undi mwana wese.”

Uyu mwana yashimiye ‘BigShoe’ yamufashije kubona ubuvuzi yari akeneye, asobanura ko bwatumye yongera kubona neza no kugira ituze. Ati: “Ndashimira ‘BigShoe’ yampaye ubuvuzi bw’amaso nari nkeneye. Uyu munsi nasoma ku kibaho, nkina n’abandi hanze y’ishuri. Igikomeye ni uko ntagihangayitse numva ko ndi njyenyine, ubu mbayeho nk’undi mwana wese.”

Bukayo Saka yatangiye gukorana na ‘BigShoe’ mu 2022, aho yatanze inkunga yo kuvura abana 120 b’ahitwa Kano muri Nigeria.

# Ingimbi z’u Rwanda zasoreje ku mwanya wa 80 mu Gikombe cy’Isi ‘U15’



Ingimbi z’u Rwanda zasoreje ku mwanya wa 80 mu mikino y’Igikombe cy’Isi U15

**SHEMA Ivan**

***Ikipe y’Igihugu y’u Rwanda y’Abatarengeje imyaka 15 yasoreje ku mwanya wa 80 mu bihugu 189 byitabiriye Igikombe cy’Isi cy’abakiri bato, FIFA U-15 World Cup & Festival 2026, cyakinwaga ku nshuro ya mbere i Baku muri Azerbaijan.***

Ku wa Gatanu, tariki ya 30 Ukwakira 2026, ni bwo Amavubi yakinnye na Malawi mu mukino wo guhatanira umwanya wa 79 n’uwa 80 warangiye batsinzwe ibitego 2-0 byinjijwe na Takutzwa Maluwe ku munota wa 13 na Lameck Kamanga atsinda igitego cya kabiri kuri penaliti yabonetse ku munota wa 20.

Muri iri rushanwa, u Rwanda rwari mu Itsinda Y hamwe na Côte d’Ivoire, Albania, Mauritania, Ibirwa bya Turks & Caicos na Vanuatu.

Ikipe y’Igihugu yatangiye urugendo ku wa 24 Ukwakira ihura na Côte d’Ivoire yayitsinze ibitego 5-0, ariko yisubiraho mu mikino yakurikiyeho.

Amavubi U-15 yatsinze Vanuatu ibitego 6-0 mu mukino wabaye ku wa 25 Ukwakira. Ni ibitego byinjijwe na Shema Samuel, Byiringiro Elvis, Shema Patrick, Byukusenge Damascène na Uwihoreye Gad watsinze ibitego bibiri.

U Rwanda rwaje gutsindwa na Albania ibitego 4-0, ariko rwongera kugaragaza imbaraga rutsinda Turks & Caicos Islands ibitego 4-1, runatsinda Mauritania ibitego 2-1.

Ibyo byatumye Amavubi U-15 asoza imikino yo mu itsinda afite intsinzi eshatu mu mikino itanu, aba aya gatatu mu Itsinda Y n’amanota icyenda, anabona uburenganzira bwo kujya muri Tier C, icyiciro cyagombaga kugena amakipe asoza hagati y’umwanya wa 65 n’uwa 96.

Mu mikino ya Tier C, u Rwanda rwahereye muri 1/16 ruhura na Vietnam, amakipe yombi anganya ibitego 2-2. Hiyambajwe penaliti, u Rwanda ruzitsinda 4-2, rubona itike yo gukomeza muri 1/8 cy’irangiza.

Aho ni ho Amavubi U-15 yahuriye na Écosse ku wa 28 Ukwakira, atsindwa ibitego 2-1, ndetse ahita ava mu rugamba rwo kwegukana Tier C.

Gutsindwa na Écosse ntibyasobanuraga ko urugendo rwari rurangiye kuko imiterere y’iri rushanwa yateganyaga ko buri kipe ikomeza gukina imikino yo kugena umwanya isoza.

Ku wa 29 Ukwakira, u Rwanda rwahuye na Nigeria, umukino urangira amakipe yombi anganya igitego 1-1 mbere y’uko Nigeria irutsinda kuri penaliti 4-2.

Nyuma y’uyu mukino, Amavubi yakomeje guhatanira imyanya yo hasi muri Tier C, urugendo rwayo rusorezwa ku mukino yatsinzwemo na Malawi ibitego 2-0, bituma iba iya 80 ku Isi.

Umukino wakinwaga n’abakinnyi umunani, ukamara iminota 20 ku gice cya mbere n’indi 20 ku kindi gice. Ku munsi bahaye imikino 10. Muri rusange, muri iri rushanwa hakinwe imikino 932, itsindwamo ibitego 4505, mu gihe amakipe 187 muri 189 yitabiriye yabashije gutsinda nibura umukino umwe.

Espagne ni yo yegukanye igikombe itsinze Repubulika ya Tchèque ibitego 3-0, ni mu gihe umwanya wa gatatu wegukanywe n’u Bugereki butsinze Paraguay ibitego 6-2.



Ikipe y’ingimbi y’u Rwanda U 15 yasoreje ku mwanya wa 80 ku 189

Imvaho Nshya
Siporo



Nº. E-78 TARIKI 27 UKWAKIRA - 1 UGUSHYINGO 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# *Harry Kane yegukanye Ballon d'Or ahigitse Kylian Mbappé*

**SHEMA Ivan**

***Rutahizamu wa Bayern Munchen n'Ikipe y'Igihugu y'u Bwongereza, Harry Kane, yegukanye Ballon d'Or ku nshuro ya mbere, nyuma yo gutorwa nk'umukinnyi mwiza wahize abandi mu mwaka w'imikino wa 2025/26.***

Mu ijoro ryo ku wa Mbere tariki ya 26 Ukwakira 2026, ni bwo muri Palladium Theatre i London mu Bwongereza hatangiwe ibihembo bitangwa na France Football bigahabwa abakinnyi bitwaye neza mu byiciro bitandukanye, byatangwaga ku nshuro ya 70 mu mateka.

Abahanzi barimo Jorja Smith ukomoka mu Bwongereza na French Montana ukomoka muri Maroc, basusurukije abitabiriye ibirori byo gutanga Ballon D'Or biganjemo abayobozi b'amakipe akomeye, abatoza, abakinnyi ndetse n'abakanyujijeho mu mupira w'amaguru.

Harry Kane w'imyaka 33, yegukanye iki gihembo ku nshuro ya mbere nyuma yo kugira umwaka mwiza w'imikino wa 2025/26. Zimwe mu mpamvu zatumye uyu rutahizamu w'Umwongereza yegukana iki gihembo, ni uko muri uwo mwaka yatsinze ibitego 73, atanga imipira umunani yavuyemo ibindi bitego.

Ibi byafashije amakipe ye gutwara ibikombe birimo Shampiyona y'u Budage ya Bundesliga, Igikombe cya DFB Pokal n'Igikombe cy'Igihugu ari muri Bayern Munich. Ari kumwe n'u Bwongereza yegukanye umwanya wa gatatu mu Gikombe cy'Isi cya 2026.

Harry Kane yabaye umukinnyi wa mbere w'Umwongereza wegukanye Ballon d'Or bwa mbere mu myaka 25 ishize, nyuma ya Michael Owen wayitwaye mu 2001.

Abandi Bongereza batwaye uyu mupira wa Zahabu barimo Kevin Keegan mu 1778 na 1779, Bobby Charlton mu 1966 na Stanley Matthews mu 1956.

Kane yahigitse abarimo Kylian Mbappé, Lamine Yamal, Michael Olise, Rodri, Ousmane Dembélé, n'abandi.

Alexia Putellas ukinira FC Barcelone n'Ikipe y'Igihugu ya Espagne y'Abagore ni we watwaye Ballon d'Or mu Bagore. Ni ku nshuro ya gatatu yegukanye iki gihembo nyuma yo kucyegukana mu 2021 na 2022. Uyu mwanya yawuhigitseho Temwa Chawinga wa Kansas City na Melchie Daëlle Dumornay wa Lyon.

Ni ibihembo bashyikirijwe na Michael Owen wacyegukanye mu 2001 na Ronaldo Luís Nazário wacyegukanye 1997 na 2002.

Lamine Yamal ukinira FC Barcelone yegukanye Igihembo cya 'Kopa Trophy' gihabwa umukinnyi mwiza mu batarengeje imyaka 21.



**Byari ibyishimo n'amarira kuri Harry Kane nyuma yo gutangazwa ko yegukanye Ballon d'Or ya 2026**



**Harry Kane yabaye Umwongereza wa mbere wegukanye Ballon d'Or bwa mbere mu myaka 25 ishize**

Ni igihembo yegukanye ku nshuro ya gatatu yikurikiranya (nyuma ya 2024 na 2025).

Lamine Yamal w'imyaka 19 yabaye inkingi ya mwamba muri FC Barcelone aho yatsinze ibitego 25 atanga imipira 20 ivamo ibindi mu marushanwa yose, bituma iyi kipe yegukana Shampiyona ya Espagne, Super Cup ndetse afasha Espagne kwegukana igikombe cy'Isi.

Victoria López wa FC Barcelone y'Abagore ni we wegukanye iki gihembo mu bagore ku nshuro ya Kabiri yikurikiranya.

Rutahizamu wa FC Bayern Munchen, Harry Kane na Charlyn Corral na C.F. Pachuca Femenil, bahawe igihembo kizwi nka Gerd Müller Trophy gihabwa uwatsinze ibitego byinshi.

Bukayo Saka ukinira Arsenal ni we wahawe Igihembo cya 'Socrates Award' gihabwa uwagaragaje ibikorwa by'ubumuntu birimo kwita ku bana bafite uburwayi butandukanye.

Umunyezamu wa Athletic Club n'Ikipe y'Igihugu ya Espagne, Unai Simón yegukanye Igihembo cya Yashin Trophy nk'Umunyezamu Mwiza. Mu bagore cyatwawe na Cata Coll ukinira FC Barcelone n'Ikipe y'a Espagane.

Umutoza mwiza w'umwaka yabaye Luis de la Fuente utoza Ikipe y'Igihugu ya Espagne mu bagabo, ndetse Pere Romeu utoza Ikipe ya FC Barcelone mu bagore.

Paris Saint-Germain yo mu Bufaransa yatowe nk'Ikipe Nziza y'Umwaka mu Bagabo ku nshuro ya kabiri yikurikiranya, mu gihe FC Barcelone yo muri Espagne ari yo yahize andi makipe mu Bagore.

Ibirori byo gutanga Ballon d'Or byayobowe n'Umufaransa, Thierry Henry afatanyije n'umunyamakuru wo mu Bwongereza, Kate Scott.